Kuki Umwuka Wera Yatanzwe?

Jeffersonville, Indiana, USA
17 Ukuboza 1959

1 Murabona ko Mwenedata Neville yizera kurambikwaho ibiganza.

Ndabona y'uko mfite ibibazo bike. None, biriya, nzabigarukaho ejo kumugoroba, kuko ntafite igihe cyo kubinyuramo kubwanyu kuri uyu mugoroba, birashoboka ko ari ibirebana n'Ubutumwa bw'ejo hashize nimugoroba. None, niba umuntu afite ikibazo ku kintu icyo ari cyo cyose mu Butumwa, mufite gusa kubizana hariya imbere nimugoroba, nuko nzabasha kubikuraho kumugoroba ukurikira.

None, ejo nimugoroba, nifuzaga kubona, cyangwa se kugira ababwirizabutumwa bake, bishobotse, cyangwa bidashobotse ; abagabo cyangwa abagore bake bakuze neza(mu Butumwa) abo twakwifashisha mu gihe biramutse bibaye ngombwa, mu gihe …

Ejo nimugoroba, tuzatangira, nyuma y'Ubutumwa, kurambikaho ibiganza, kandi, kubw'Umwuka wera. Nuko nyuma hazeho … Muzabona ikarita y'umweru kubwo gusigara aha niba mubyifuza, mu gihe cyose cy'iminsi mikuru, biramutse bisabye icyo gihe cyose kubwo gupfa. Kandi nyuma - nyuma bitabaye ibyo, niba mwifuje gusubira iwanyu, nuko, twanezerwa, niba muramutse mubonye ko muri mu gihe cyo mwa … Mutazi mu by'ukuri aho mubaza … Turifuza kugira ababwirizabutumwa bake, inomero yabo, niba ari abashyitsi, inomero yabo, aho bacumbitse, kuburyo twabasha kubageraho uwo mwanya, kandi ko umwe yajya mu nzu, umwe mu yindi, kandi umwe mu yindi, kugira ngo babashe kubaha amabwiriza, kuri mwebwe abagiye gushaka uwo mugisha w'ikuzo uwo tuvugaho, Umubatizo w'Umwuka wera.

2 Ejo nimugoroba, twavugaga kucyo Yari cyo. Umwuka wera yari iki? Kandi twabonye ko Ari hafi ibintu byose Imana yasezeranije. Nibyo. Muri we twahasanze rwose ibyo Itorero rikeneye. Twabonye ko ari Ikimenyetso cy'umusozo(kashe), Umufasha, Uburuhukiro, n'Umunezero, n'Amahoro, n'Ukuzuka. Kandi ikintu cyose Imana yasezeranije Itorero rye kiri mu Mwuka wera.

Kandi na none, kuri uyu mugoroba, turifuza kubwiriza kuri, cyangwa kuvuga kuri, kwigisha kuri … Mfite hano hafi impapuro eshatu cyangwa enye z'ibyanditswe, cyangwa ibice by'Ibyanditswe, kuri ibyo, muri byo… Ejo kumugoroba, nasize inkoranyandangamirongo y'ubwoko bwa " Cruden's" aha, kandi sinagarutse kuyishaka. Nuko byansabye ko ngerageza uko nshoboye uyu munsi n'ibice by'ibyanditswe.

3 Nuko, none ejo … Kuri uyu mugoroba, turigisha ku ngingo igira iti " Ni iyihe ntego yatumye Imana yohereza Umwuka wera?" Ese Umaze iki? Niba ari ikintu cy'agahebuzo bikabije, none ni ukubera iki Imana yamwohereje?

Nuko, ejo kumugoroba, turifuza kuzavuga ku ngingo igira iti " Ese ni kubwanyu?" Kandi " Ni buryo ki tumwakira?" Ndetse " Ni buryo ki mwamenya ko mumufite?"

Nuko hanyuma, nyuma yo kubyiga; n'ibyanditswe, tumaze kubisobanuza Ibyanditswe; twifashisha Ibyanditswe kuri byose, nuko aho, abashaka Umwuka wera , bazatangira. Nuko rero, ndizera ko ububyutse buzaba buri mu nzira, nyuma y'ibyo, kugirango noneho dukomeze kujya mbere n'Umwuka wera.

None, kubera ko ejo kumugoroba hazaba hari benshi bazashobora kuguma igihe gihagije mu cyumba, ku rusengero, ndatekereza ko, niba dushobora kubona ababwirizabutumwa bahagije n'abo bantu bafite ubunararibonye kubyerekeye gufasha abantu mu kwakira Umwuka wera, kubwo kubatera umwete, kugirango babashe kujya mu nzu hamwe na - n'umugore n'umugabo we cyangwa - cyangwa hamwe n'umuntu ushaka Umwuka wera, bazi neza muby'ukuri ikigomba gukorwa.

Niba mwifuza rwose gusigira nomero yanyu ya telephone cyangwa gusigira umwirondoro wanyu umushumba, kuri uyu mugoroba cyangwa ejo nimugoroba. Mufite gusa kubisigitra mwenedata Neville, kuri ubwo buryo ntituzakenera guterana kubw'Iteraniro. Mufite gusa gusiga inomero yanyu ya telephone, aho dushobora kubageraho. Kandi aho, muvuge muti " Nzaba mbohotse, nuko niba tu … mwifuza kunshyira ku muntu runaka." Niba ari u - umudamu wenyine, icyo gihe tuzashobora kohereza umudamu, murabona, iwabo w'uwo mugore. Nuko hanyuma, niba ari mu muryango urimo umugabo n'umugore we, nuko, tuzashobora kuhohereza umubwirizabutumwa. Kandi twanezezwa nuko mwakorana neza, kubera ko ibi, iki kintu cy'inkoramutima, kibashishikaje mwese. Kandi mwibuke " Ukiza Ubugingo ukuyoba kwabwo, atwikira ibyaha byinshi." Murabona? Kandi Umugeni wa Kristo afite inzara n'inyota. Ari mu mibabaro yo kuramukwa, kubwo kubyara abana b'Imana.

4 Nuko rero, kuri uyu mugoroba, mbere yo gusoma ibyanditswe, twunamishe imitwe kubwo gusenga. Kandi rwose mbere yo gusenga, mugihe imitwe yunamye, mwaba mufite icyifuzo? Muzamure gusa ikiganza kubwo kuvuga muti " Yoo! Mana, nzamuye kumugaragaro ibiganza. Ndifuza. Ndakwinginze umfashe ,yoo! Mwami." Imana ihe umugisha buri wese muri mwe. Arareba ibiganza byanyu. Abamarayika banditse ibyifuzo byanyu.

5 None, Data wo mu Ijuru, tuje muri aka kanya , twongeye kukwegera mu isengesho. Kandi nta

gushidikanya ko ukwinginga kwakozwe mu bana b'Imana kuri uyu mugoroba, aha hantu hatoya, kandi ko indirimbo zaririmbwe, kandi ko twazamuriye imitima mu guturagara k'umunezero mu mashimwe y'Imana.

Dawidi yavuze ko yazaga mu iteraniro ry'abera, kandi agatanga ibyifuzo. Nuko kuri uyu mugoroba habonetse ibiganza byinshi. Navuga ko hagomba kuba hari, hafi mirongo inani ku ijana mu bicaye muri iki cyumba bazamuye ikiganza kubw'ibyifuzo. Biragaragaza, Mwami, ko tudashobora muby'ukuri kukwibagirwa. Ni ngombwa ko tukugira, umunsi ku munsi. Uri Ubugingo bwacu, Umunezero wacu, Ubuzima bwacu, Imbaraga idukomeza, Ikishingikirizo cyacu, Ingabo yacu, Umurengezi wacu k'umwanzi.

Kandi ntidushobora muby'ukuri gushoza urugamba rw'ubuzima tutagufite. Ntibyadushobokera rwose kubikora, none tugomba kukwiha wese. Kuko tuzi ko tunyura mu isi idafite umucyo kandi icuze umwijima. Impande zose, umwanzi yatugabyeho ibitero, adutega ibico n'imitego. Inzira zacu, Mwami, zuzuye imitego y'umwanzi, kubwo kutubuza amahoro

6 Kandi natwe ubwacu, tuziko ku iherezo ry'urugendo, tugomba kwambuka kiriya gikombe cy'umwijima cyitwa urupfu. Yoo! Mwami, ninde uzadufata ikiganza, rero? Turifuza kukumenya ubu, Mwami. Turifuza kumenya ko ufashe ikiganza cyacu, kandi ko dufashe ikiganza cyawe, kugirango tubashe kugira iyo gihamya kuburyo budakuka, kuburyo, igihe tuzagera muri icyo gihe cyanyuma cy'ubuzima bwacu gikomeye, kuri iryo rembo ry'umuryango witwa urupfu, tuzabashe kuvuga kimwe n'Uwera wa kera; wavuze ati " Mumenya mu mbaraga y'Umuzuko we, kandi nziko, igihe azahamagara, nzava mu bapfuye."

None, Mana data wa twese, turifuza kugusaba guha Umugisha ibyifuzo byacu n'uguterana kwacu. Ha Umugisha amagambo yawe. Kandi niba nagombaga kuvuga ikintu icyaricyo cyose gitandukana n'Ijambo ryawe cyangwa n'Ubushake bwawe, ufite na none imbaraga zo gufunga umunwa, nk'uko wabikoze mu rwobo rw'intare igihe Daniyeri yari ahari. Nuko turakwinginze, Mwami, ngo ufungure amatwi n'imitima kuri uyu mugoroba, kugirango, no kurema muribo inzara n'inyota. Babe abanyotewe cyane, nti bagoheke cyangwa ngo baruhuke, aho ariho hose, kugeza aho Umufasha azazira.

7 Twizera ko turi mu minsi ya nyuma, mu gicucu cyo kuza Kwe. Kandi ni kubw'ibyo, ubutumwa bwateganyijwe, Mwami. Ni kubwo kugirango abantu babashe kuba maso, ngo bakire umuburo. Nuko, kuri uyu mugoroba, tubashe kwiyambura igikono twihishagamo, ndetse muri aka kanya, tugishyire ku ruhande, hariya, ku ntebe kandi tuvuge, tuti " Mwami Mana, ndi ikibindi cyawe. Umwuka wawe acunshumurwe muri njye. Ntunganya, kandi undeme bikurikije ubushake bwawe. Nzegurira umutima wanjye, imbaraga yanjye, ibyanjye byose impamvu Yawe.

Twumve, Mwami, ntabwo turi aha kubwo kwigaragaza, muri uyu mu goroba w'imvura nyinshi. Ntabwo turi hano kubera ko twabuze ahandi hantu ho kujya. Turi hano dufite, mu mitima yacu, intego imwe rukumbi, igaragara yerejwe Imana, yo kwegera, tuziko wasezeranye ko nitukwegera uzatwegera. Ni kubw'ibyo turi hano. Uwinjiye ashonje, ntaze gusohoka ashonje. " Hahirwa abafite inzara n'inyota byo gukiranuka,"niko Yesu yavuze, " kuko bazahazwa." Nuko nidusaba umugati, nti tuzahabwa ibuye. Dufite ibyo byiringiro. Kandi nidusaba ifi, nti tuzahabwa inzoka. Ahubwo Imana, Data, azatugaburira Manu yo mu Ijuru, Ijambo Rye n'Umwuka we, biramuhamiriza. Subiza ukwinginga kwacu, Mwami, n'ibyifuzo byacu, mu gihe tukigutegereje. Ni mu Izina rya Yesu Kristo. Amina!

8 None mwebwe abandika ibi bice by'Ibyanditswe, niba mwifuza kongera gufata Ubutumwa bwiza bwa Yohana hamwe na njye, mu gice cya 14. Turifuza gutangirira ku gice cya 14 cya Yohana. Nuko, dutangirire ku murongo wa14, Yohana 14:14, nuko dusome gusa agace k'icyo gice cy'Ibyandiyswe. Nyamara, muri cyo, murahasanga igice kinini cy'ibigize icyo nifuza kuvugaho kuri uyu mugoroba.

Nuko, nimwibuke, mwebwe abafite Bibiliya zirimo ahari inyuguti zitukura, biri mu mutuku, ibyo. Ni amagambo yavuzwe na Yesu, ubwe, kubw'iyo mpamvu dushobora kuba tudashidikanya ko bizamera neza uko Yabivuze. "Amajuru n'isi bizavaho, ariko Ijambo rye ntirizahinduka narimwe."

None, tugiye gusoma, duhereye ku murongo wa 14 w' igice cya 14.

Nimusaba ikintu mu Izina rya njye, nzagikora.

Mbega Isezerano ry' umugisha!

Nimunkunda, mukomeze amategegeko yanjye.

Kandi nanjye, nzasaba Data, nuko azabaha undi mufasha, kugirango abane namwe ibihe byose,

Umwuka w'ukuri, uwo ab'isi batabasha kwakira, kuko batamurora namba …

None, mwebwe abasoma muri Bibiliya y' ikigiriki mwasanga aha, si… Aha, « kureba » bishaka kuvuga "gusobanukirwa." " kuko isi ntimusobanukirwa namba." Nibyo rwose. Ngiye kubisoma, aho.

Umwuka w'ukuri, uwo … Ukuri, uwo ab'isi batabasha kwakira, kuko batamurora namba, kandi batamuzi namba ; ariko mwebwe, muramuzi (inde ? Umufasha), kuko abana namwe, kandi azaba muri

mwe.

Ese ni iki ? Umufasha umwe

Si nzabasiga nk'imfubyi, nza…

Buri wese azi ko « Njye » ari insimbura zina isimbura umuntu.

… nzaza aho muri.

Hasigaye igihe gito, kandi ab'isi ntibazambona ukundi, ariko mwebwe… ariko mwebwe, muzambona, kuberako ndiho, kandi namwe muzabaho.Uwo munsi, muzamenya ko ndi muri Data, Ko muri muri njye, kandi ko ndi muri mwe.

Ibyo nibyo biri bube ishingiro ry'igitekerezo cyanjye, nyamara tugiye gusoma hafi byinshi. Njyiye kongera kubisoma na none, muri aka kanya.

Uwo munsi (Umunsi ukomeye, umunsi w'urubanza)

Uwo musi muza menya ko ndi muri Data, ko muri muri njye kandi ko ndi muri mwe

Ufite itegeko rya njye, kandi akarikomeza, uwo niwe unkunda; kandi uwunkunda azakundwa na Data, nzamukunda, kandi nzamwiyereka.

Yuda, utari Isikariyote, aramubwira ati « Mwami, biturutse he ko uzatwiyereka, kandi atari ab'isi?"

Ibyo, ni kosmos, « gahunda y'isi » Niba mufite ubusobanuro aho k'uruhande (muri Bibiliya), murabibona. Iyanjye, ni « g » (inyuguti y'ubusobanuro bw'ijambo), kandi aha, haravugwa : « kosmos, cyangwa gahunda y'isi .» ni ukuvuga amadini ni ibindi byose, murabona.

... biturutse he ko uzatwiyereka kandi atari bo ?

Uzabikora ute?

Yesu aramusubiza ati "umuntu nankunda, azarinde Ijambo ryanjye (Amina!), kandi Data azamukunda; tuzaza aho ari; kandi tuzatura iwe. Utankunda, ntazarinda ntahato Amagambo yanjye.

Birashoboka ko yakomeza amagambo y'idini (itorero); ariko ni ugukomeza amagambo ye, murabona.

… Kandi amagambo mwumva si ajyanye, ahubwo Data wantumye. Nababwiye ibi mu gihe mbana namwe.

Ariko Umufasha, Umwuka wera, uwo Data azohereza mu Izina rya njye, azabigisha ibintu byose, kandi azabibutsa ibyo byose, (ni ukuvuga amagambo Ye) Ayo nababwiye.

None, ni iyihe ntego yatumye Imana yohereza Umwuka wera?

Abashe kongera imigisha Ye ku Ijambo rye.

9 Yesu yavuze ko « uwo munsi muzamenya ko ndi muri Data, kandi ko Data ari muri njye; kandi ko muri … ko ndi muri mwe, kandi ko muri muri njye. » none, niba tugomba kuvuga ibi…

None, mwibuke, ibi bizaba biri ku mfata majwi (Bande).

Umucuruzi w'umukristo, w'i Louisville, yampamagaye mu mwanya washize. Nuko yavuze ati « Birababaje, Billy, ko ubwo butumwa, nk'ubwo wabwirije ejo kumugoroba, butagera ku bihumbi miro ngo ine, hano, aho kuba ku bantu ijana na mirongo itanu, cyangwa magana abiri, magana atatu bo mu Ihema ryawe rito. »

Navuze, nti « Mugenzi wanjye , niba Yesu atinze, mu mezi atandatu isi yose izumva ibi. » murabona ? Izi mfatamajwi (Bandes) zijya hose mu isi, murabona, hose, kandi kubw'ibyo, aho, twigisha hano neza neza ibyo twizera ko ari Ukuri, kandi ibyo twabonye Imana iduhamiriza ko ari Ukuri.

10 None, intego, yari iyihe - yari ntego ki yatumye Imana yohereza Umwuka wera? None, nzandika ibyo, Yohana 14, uhereye ku murongo wa 14, kandi no gukomeza gusoma muri icyo gice, nk'icyo gushingira ho. Intego yatumye Imana, turabibona aha, yohereza Umwuka wera, yari intego imwe, ko Imana ubwayo ibasha gutura mu Itorero ryayo, no gukomeza ibikorwa byayo inyuze mu Itorero, ni uko Imana yari muri Kristo,yakomezaga ibikorwa bye inyuriye muri Kristo; inyuze muri kristo, yanyuze mu Itorero. Akomeje igikorwa cye binyuriye mu Itorero

None, tuzi Umwuka wera icyo Ari cyo. Twabonye ejo ku mugoroba ko ari Imana.

None, iyo dutekereje ku Mana, Data, nk'uko Yesu yabivuze, aha, Se, Imana, umwana, muri Yesu;

Imana, Umwuka wera, nk'uko tumwita muri ikigihe, none, ntabwo bishaka kuvuga ko hari Imana eshatu zinyuranye, zitandukanye. Birashaka kuvuga ko hari Imana imwe, mu bikorwa bitatu

Tubivuge muri ubu buryo: icyo Imana Yari cyose, yagisutse muri Kristo, Yisize ubusa nuko imusuka muri Kristo. " Kandi Kristo yari mu buryo bw'umubiri umwuzuro wose w'Ubumana." Icyo Yehova yari Ari, yagisutse muri Kristo.

Kandi icyo Kristo yari cyose, yagisutse mu Itorero, ntabwo ari mu muntu, ahubwo mu mubiri wose uko wakabaye. Nuko, Iyo duteranye mu bumwe, tugira Imbaraga. Icyo Imana yari cyo cyose cyari muri Kristo, kandi icyo Kristo yari cyo cyose kiri muri mwe.

" Kuko Imana yambaye umubiri, nuko Itura muri twe,"I Timoteyo 3:16, niba mubyandika ; "si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana, burakomeye cyane: Imana yigaragaje mu mu biri, kandi twayikozeho. Imana, Yehova yambaye umubiri ; nuko igenda ku isi kandi twarayibonye n'amaso yacu."

11 Murabizi, muri icyo gice, Yohana14, Filipo yaravuze ati "Mwami, twereke Data, kandi ibyo biraba bihagije

Yesu yaravuze ati " Hashize igihe kirekire ndikumwe nawe Filipo, none ntabwo unzi? Igihe wambonye, wabonye Data. None, kuki umbwira, uti " Twereke Data?" Imana yambaye umubiri.

None, dore. Data yari Imana hejuru yanyu, ni ko bavuga. Kandi ibyo uhereye kuri Adamu, Imana, Data yari hejuru ya Mose n'abana b'Isirayeli , mu nkingi y'umuriro. Hanyuma, Imana hamwe na twe, muri Kristo; yagendanye na twe, yavuganye natwe, yasangiye na twe, yararanye na twe. Imana hejuru yacu, Imana hamwe na twe, kandi none, Imana muri twe, icyo Imana Yari cyo cyose cyinjiye muri Kristo, icyo Kristo yari cyo cyose cyinjiye mu Itorero.

Ese icyo ni iki? Imana ku murimo muri mwe. Aho ari ho hose mu isi, iyo Ishatse kubahamagara, muba muri ahantu, icyo gihe akorera muri mwe kugrango abashe gusohoza ugushaka kwe kwiza. Ni gute dukwiriye gushimira Imana kubw'ibyo! Imana, Umwuka wera, yoherejwe kubwo intego yo kugirango Imana iture mu Itorero, igakora inyuze muri buri gisekuri, Igasohoza ugushaka kwayo k'Ubumana.

12 Iyo abantu babakwena, ntabwo ari mwe bakwena, ni uwabohereje bakwena. Nuko, Yesu yaravuze ati " Murahirwa ubwo bazabarega ibibi byinshi mu binyoma, kubw'Izina ryanjye. Muzaba muhiriwe." Nuko, na none: "Ababaho bose mu gukiranuka muri Kristo Yesu bazatotezwa."

Kubw'ibyo, igihe Imana yigaragarije muri Kristo, baramwanze. Ninde wamwangaga birenze? Idini. Ni idini ryamwangaga birenze. Bamwangaga kurenza a…abasinzi. Bamwangaga kurenza abandi bose. Ni idini ryamwangaga. Nuko, kubera iyo mpamvu, igihe mubonye "Kosmos" "Gahunda y'isi," isi (ab'isi) ntiyamumenye namba", birashaka kuvuga "Idini (Itorero) ababyigira" Ntibamumenye namba. Yaje mube, kandi abe ntibamwakiriye namba."

"Nyamara kubamwakiriye bose, kubizera Izina rye, Yatanze ubushobozi bwo guhinduka abana b'Imana." Yoo! Mbega uburyo dukwiriye kumukunda no kumuramya! Umugambi w'Imana, Yifuzaga kuba mu busabane!

13 Nkuko, mbere yo kuva kuri iki cyanditswe, twifashishe ibi: mu gihe cya Rusi, mu itegeko ry'ubucunguzi, igihe Nawomi yari yavuye mu gihugu kubw'ikigeragezo, ibihe bigoye. Yagiye mu gihugu cy'Abamowabu, bari gusa abakristo ku Izina, bakonje; ni uko Abamowabu bakomoka k'umukobwa wa Loti, kandi bari abizera b'ibinyoma, kandi bari bavanze. Nuko aho, umugabo we yari yarapfuye n'abahungu be bari barapfuye. Nuko mu nzira bagaruka, Nawomi … Rusi na Nawomi, mu nzira agaruka, u … Umwe mu bakazana be, Orupa, yavuze ko agiye gusubira mu gihugu cy'iwabo, kubigirwamana bye, no ku idini rye, no mu bwoko bwe. Nuko Nawomi yagerageje kumvisha Rusi ngo asubireyo, ariko yaravuze ati "Ubwoko bwawe nibwo bwoko bwanjye. Imana yawe niyo Mana yanjye. Aho uzagwa niho nzagwa. Aho uzahambwa niho nzahambwa. Kandi sinzasubirayo."

Niko bimeze, iyo umuntu yafashe icyerekezo. Icyo abe bavuga, ntacyo byahindura na kimwe: " Ugiye hariya kugirango uhinduke umuyobe, cyangwa ikintu runaka." Ntacyo byahinduraga kuri Rusi. Hari hari umuteguro w'Imana wagombaga gusohora.

14 Kandi byose na none niko bimeze neza, kuri uyu mugoroba mufite inzara y'Umwuka wera, ni ikintu runaka muri mwebwe, kibareshya, kubera ko umuteguro w'Imana mu bugingo bwanyu ugomba gusohora, nk'uko byari biri kuri Rusi.

Inkuri ni nziza cyane! Sinabasha kuyireka muri aka kanya. Muzi itegeko ry'ubucunguzi, ni kuri ryo igihe Bowazi … Muzi inkuru ya Rusi, wahumbahumbaga mu murima kandi wagiriwe ubuntu imbere ya Bowazi. Mbere yo kubasha kumushaka, yagombye gucungura ibintu byose Nawomi yari yaratakaje. Kandi umwe ushobora gucungura umutungo Nawomi yari yatakaje, hakurikijwe itegeko ry'ubucunguzi, yari umuvandimwe wa bugufi: byasabaga ko aba (umuvandimwe) kugirango abashe gucungura. Kandi yari we

wari umuvandimwe we wa bugufi. Yagombye gutanga ikimenyetso kibonwa na rubanda, inyuma y'irembo, cyangwa ukwatura muri rubanda ko yamaze gucungura ibyo Nawomi yari yatakaje byose. Kandi Bowazi yarabikoze akuramo inkweto ye imbere y'abakuru, nuko yaravuze ati "Niba hano hari umuntu ufite ikintu runaka cya Nawomi, uyu munsi naramucunguye."

15 Kandi ni uko Imana yakoze, yubahirije amategeko yayo bwite, Imana ntishobora kubaha itegeko ryo gukurikiza, nuko, Yo, Igakurikize irindi. Ikurikira amategeko yayo bwite. None, Imana, kubwo gucungura itorero ryazimiye, isi yazimiye, ibyaremwe byazimiye: Imana, idafite itangiriro n'iherezo mu Mwuka, kubwo gucungura inyoko muntu yazimiye, Imana ubwayo yahindutse Umuvandimwe, Umuntu, Umwana yaremewe mu nda ya Mariya. Kandi aho, yatanze ikimenyetso, cyangwa ubuhamya inyuma y'amarembo ya Yerusalemu. Yahagaritswe hagati y'amajuru n'isi, nuko arapfa, kandi yacunguye byose. Nuko kubw'Amaraso Ye, yejeje Itorero, iryo Abafasha guturamo Ubwe bwite, kandi hamwe nuwo abasha kugirana nawe ubuvandimwe n'ubusabane; aho hantu ho gusabanira, hari hatakiriho uhereye igihe cy'ubusitani bwa Edeni, aho Imana yamanukaga buri mugoroba,ku isaha y'iteraniro.

Mwabibonye, Imana yamanukaga mu mafu ya nimunsi, izuba rirenze. Hari ikintu kidasanzwe igihe cy'umugoroba: abantu batekereza ku Itorero no ku Mana; abakristo. Murabona izuba rirenga, muzirikana ko izuba rirenga.

16 Nuko mu mafu ya nimugoroba, yamanukaga kugirango agirane ubusabane nabo. Kandi aho, yatakaje ubwo busabane, kubera ko icyaha cyayibuzaga kubugira.

Kubw'ibyo yambaye umubiri kandi yatuye muri twe, kugirango abashe kugarukira umuntu bundi bushya, no gutura mu muntu, no kugarura umuntu muri cya gihe cy'ubusabane bwe nawe, no kumugarurira uburenganzira bwe Imana yari yaramuhaye. Dore icyo yakoze.

Niyo ntego y'Umwuka wera. Ni Data, bundi bushya, Imana Data itura muri mwe, isohoza imigambi Yayo, kubwo gusohoza umugambi wayo w'ubucunguzi; igakora inyuriye muri mwe, ikabagira abakorana Nayo: ikabaha umwanya, ikabaha umugabane kubwa mwene so na mushiki wanyu waguye, akazimira; ikabaha Umwuka wayo n'Urukundo rwayo, kubwo kujya gushaka abazimiye, nk'uko yabikoze mu busitani bwa Edeni. "Adamu, Adamu, uri he?" Dore icyo Umwuka wera akorera umugabo cyangwa umugore. Igihe yinjiye mu mitima yabo kandi Ikahagira ubuturo bwayo, hari inyota n'inzara. kubw'ubugingo bwazimiye

Dore ikidahura n'amateraniro yo muri iki gihe. Ntabwo afite ugukoraho guhagije k'Umwuka, kubwo kujya gushaka ubugingo bwazimiye n'ubw'abarimbuka. Ahubwo ni ukwishakira izina, cyangwa itorero, cyangwa inyubako, cyangwa idini, aho kuba hari gahunda igenewe gushaka kuronka ubugingo. Mbega imbabazi! Twabashaga gutinda kuri ibyo.

17 Imana yasutswe muri Kristo. Nibyo rwose.

Kristo yasutswe mu Itorero. Niyo mpamvu, na none nimwitegereze neza: " Uwo munsi muzamenya ko ndi muri Data, ko muri muri Njye, kandi ko ndi muri mwe. Uwo munsi muzabimenya." Kuko ni, ibyo byose, ni umugambi w'ubucunguzi ushyirwa mu bikorwa, ni Imana, igaruka kubwo kuba, no gutura hamwe no kugirana ubusabane n'Ubwoko bwe, nk'uko yari yabikoze mu itangiriro.

Nuko, rero, igihe azageza Itorero rye mu gice aho ribasha kuvuga, Akageza Itorero rye aho ashobora kwisuka muri ryo, no gukunda, no gutsinda, no kugirana ubusabane, icyo gihe hazabaho Edeni. Azagarura Itorero rye aho Ri- Ryari ryaramutereye, azarigarura bundi bushya muri Edeni, aho Ryari Ryaragwiriye. None, Ryo … Ni aho ryari ryaratangiririye, mu ntangiriro, cyangwa ukugwa kwa Ryo. Ni aho rizagarurwa k'umurongo, uko ryari rimeze neza, kubwo gucungurwa, bazagarurwa k'umurongo aho hantu.

18 Itorero ryabaye mu isi igihe kitari gito. Kandi Itorero, muby'ukuri, nyuma y'ubugorozi, imyaka ijana na mirongo itanu y'igisekuru cy'umwijima … Luther yabaye umugorozi wa mbere wagaragaye nyuma y'urukurikirane rw'Intumwa. Kandi aho, igihe Luther yagaragaye, Imana yamanuye buhoro k'Umwuka, nuko iwusuka ku Itorero, mu gutsindishirizwa. Kandi nyuma, igihe cya Wesley, yamanuyeho uwisumbuyeho kuri we ubwe, mu kwezwa. Nuko uko igisekuru cyagiye kijya mbere, kugeza ku gihe cya nyuma, Imana yujuje Itorero ryayo. Nimwitegereze hafi yanyu hose, kandi murebe niba ari ukuri cyangwa atari ko.

Mwitegereze igisekuru cya Luther, mwebwe abiga amateka mwitegereze ububyutse bwabo nibyo bakoze. Mwitegereze uburyo ububyutse bwa Wesley bwari bufite ikuzo ry'imbaraga rirenzeho, uburyo bari bafite imbaraga zirenzeho, nyamara bake muri bo. Mwitegereze neza, igihe cya Pantekote, mbega ububyutse bagize icyo gihe, mbega ikuzo ry'imbaraga, mbega inkubi ikomeye!

19 Kuburyo umushyitsi wacu wo kucyumweru, ikinyamakuru Gatorika, cyasanze ko Abapantekote babonye miliyoni n'ibihumbi Magana atanu by'abayoboke mu mwaka umwe, ko babonye benshi kurenza ayandi matorero yose hamwe. Abo Abagatorika bahinduye, biboneye gusa miliyoni. Mu … "Umushyitsi wo kucyumweru" wabo bwite; ikinyamakuru cyitwa " Umushyitsi wo kucyumweru," hatangajwe ko Abapantekote babaciyeho. Kandi, mwibuke abahindutse b'Abapantekote, ni abahindutse bujujwe Umwuka

wera . Bari bake, bagitangira, iruhande rw 'agahanda, hariya na ka - ka gitari gashaje. N'abadamu batabasha ndetse no kwigurira umuguru w'inkweto. Babaga hariya, hafi y'imihanda ya « Gare ya moshi » basarura ibigori, banabisya, kugirango babikoremo umutsima w'abana babo. Ariko, cyahindutse iki ? Itorero rifite igihagararo gikomeye mu isi muri iki gihe, ntabwo ari mu maso y'isi (ab'isi), ahubwo mu maso y'Imana, kubera ko ibigaragaza ikoresheje iby' ibakorera. Yisuka muri bo, Imusuka muri bo.

20 Nimwitegereze, hariya, icyabaye, Imana yisuka muri bo. None, Itorero ryageze ahantu, uhereye kuri Luther, Wesley, nuko ububyutse bwageze kuri Pantekote: none ubu muri iki gisekuru aho tugeze ubu, kubw'Umwuka umwe: gusa ni kukigero kirenzeho cyane. None, igihe abayoboke ba Luther bari bakijijwe, icyo gihe, bakiriye agace k'umugabane w'Umwuka wera. Igihe Abametodisite bari bejejwe, cyari igikorwa cy'Umwuka wera. Murabona, cyari igice cy'Umwuka wera. "Ntibasohora mu gutungana rwose, tutari kumwe." Ibyanditswe niko bivuga. Murabona?

None, Imana, nk'uko umucyo watangiye kumurika mu minsi ya nyuma, ategereje ikintu gikomeye kuri twebwe. Kubw'ibyo. "Azabaza byinshi ahatanzwe byinshi." Noneho, azatubaza ibirenze kure ibyo yabajije Abaluteriyani cyangwa Abametodisite, kubera ko tugenda mu mucyo ukomeye cyane, hamwe n'imbaraga ikomeye cyane, hamwe nu - n'ubuhamya bukomeye birenze ibyo bari bafite. None, dufite ubuhamya bukomeye bw'umuzuko. Dufite ibntu bihamye cyane, bidashidikanywaho rwose biruta ibyo bari bafite.

21 Ariko ni kimwe n'ibyo nabwiraga ikigo cy'amashuri cy'Abaluteriyani, nta gihe gishize.

Baravuga bati "Ni iki dufite? »

Naravuze nti « Umuntu yateye umurima ibigori. Ibibabi bya mbere bito byaraje, nuko yaravuze ati « urakoze, Mwami kubw'u - umusaruro w'ibigori ! » Mu guteganya gushoboka, yari awufite, nyamara yari awufite mu ishusho y'umumero. Nyuma y'igihe runaka, cyahindutse ikigorigori. »

Nuko igikenyeri cy'ikigori cyagisohotsemo, cyari Abametodisite.

Muramutse mwitegereje intego - sano(kamere), muzabona Imana mu murimo. Aho hari ibanga rijyanye ndetse n'ubukozi bwanjye. Murabona? Ni uko, witegereje intego - sano(kamere), kugirango urebe uko ikora, igihe icy'ari cyo n'umwanya uwo ari wo, ushobora kubona aho turi. Mwitegereze igihe.

22 Nuko nyuma, Abametodisite, bari ibikenyeri (by'ibigori) barebaga inyuma, berekeye Abaruteriyeni, baravuga bati "Dufite kwezwa: mwebwe, nta kintu nakimwe mufite kuri ibyo." Nyuma y'igihe runaka haherewe k'umusamburo (w'ikigori), bihereye kuba Metodisite, hagaragaye uruheke rwa … Ihundo ry'ikigori (ikigori nyirizina). Yari Pantekoti.

Dore, ukubarwaho gukiranuka, byari (intera) icyiciro. Ukwezwa ni indi ntera (icyiciro). Umwuka wera, ni indi ntera(cyiciro), Pantekote. Luther, Wesley, Pantekote.

None, Pantekote ikora iki ? Ndakora igereranya, kuko muri Pantekote, yagaruye, ntabwo ari ikibabi cy'icyatsi kibisi, ntabwo ari igikenyeri (cy'ikigori), ahubwo …

Ikigori ntikibasha kubwira igikenyeri (cy'ikigori) kiti « Ntacyo umariye. » Cyangwa igicyenyeri (cy'ikigori) nticyabasha kubwira i - ikibabi kiti « Ntacyo umariye, » kubera ko ubuzima bumwe buri mu kibabi bwabyaye igikenyeri (cy'ikigori). Ubwo buzima bwari mu gikenyeri bwabyaye ihundo (ikigori).

Kandi ni itorero ry'Abaluteriyeni, ryabyaye itorero rya Wesley. Ni itorero rya Wesley ryabyaye Pantekote. Ariko, Pantekote, ese ni iki ? Ni ukugarura ubwoko bumwe bw'imbuto yaguye mu butaka mu ntangiriro. Kugirango hagarurwe ukuzura kose kw'imbaraga ya Pantekote, kubw'Umubatizo w'Umwuka wera, murabona, mu minsi yanyuma. Yoo ! Ni ikintu cy'agahebuzo cyo kurebwa, cyo kwizerwa kandi cyo kwitegerezwa.

23 None, muri iki gisekuru turimo ubu, iki gisekuru, ni kure cyane kurenza Pantekote. Pantekote yahindutse amadini kandi yatangiye kwerekeza ibitekerezo byayo mu ruhande rw'amadini : « Turi aba, turi bariya. » Ni gusa intego- sano (kamere). Bazakora ibyo. Ni integuro, nibakore ibyo.

Nyamara Itorero ryakomeje kujya mbere. Ryinjiye mu mbaraga nyinshi, nyinshi zidasanzwe. Ni ukugarurwa kw'impano. Kandi Abapantekote benshi ntibizera ugukira indwara kubw'Imana, ubukozi bw'Abamarayika, n'imbaraga z'Imana. Abapantekote benshi bita aya mayerekwa mbona "aya satana." Amadini menshi ntiyifuza ndetse no kugirana isano n'ikintu icyo ari cyo cyose cy'ibi, muri Pantekote. Murabona, twarenze ibyo. Nk'uko Abametodisite bagenje Abapantekote, babita "Abasazi" kubera ko bavugaga mu idini. Nk'uko Abaluteriyani bagenje Abametodisite, babita "abasazi" kubera ko bateraga urusaku, murabona?

Nyamara ibyo byose, ni Umwuka wera umanuka, kuburyo Itorero ry'ikuzo ryuzuye risendereye kandi rihaze nk'ibuye, Hareluya ! [Mwenedata Branham akubita kabiri ku ruhimbi.- N.D.E] Imbaraga zikomeye z'Imana zishobora byose. Kuburyo twageze ahantu, aho ndetse n'ibikorwa Yesu yakoze bigaragara mu mwuzuro mu Itorero ubu. Turi bugufi, ncuti zanjye.

24 Ngiye guhagarara aha, akanya gato, kugirango mvuge impamvu Imana yashyize Umwuka wera mu Itorero, mbaha na none ikigereranyo (igishushanyo) kugirango mubimenye. Mu Isezerano rya kera, igihe u - umwana …

Umuntu yashingaga urugo. Yashakaga umugore, ibyo, ni ikintu cya mbere hanyuma, yahindukaga umuntu ukomeye nk'umuryango. Byari byiza.

Icyabagaho nyuma, ni uko habaga hariho ukuvuka k'umwana mu rugo (mu muryango). Ibyo, ni igihe Umwuka wera, murabona, undi mwuka yinjiye, yabaga ari umwana. Uwo mwana, ntiyabaga afite inshingano ihagije, kandi ntabwo yabaga na none umuragwa mbere yo kugera ku kigero cy'imyaka runaka. Kandi yagombaga kugeragezwa, mbere. Nibyo.

Nuko aho, yabaga afite itegeko ryo guhindurwa umurangwa. Kuri mwebwe ababwirizabutumwa ni " Ugushyirwa mu mwanya k'umwana" Mvuga muri aka kanya, murabona, aho, iyo yageraga aho yabaga ahawe ububasha bwo kuba umuragwa. Yesu yabitanzeho urugero rwiza, ku musozi (w'ubwiza) wo guhindurwa.

Nk'uko nabivuze, Imana ntakintu na kimwe izakora ikikiye amategeko yayo.

Muramutse mufite iriba ridudubiza amazi kuri uyu musozi, rikamisha amazi menshi mu kirere. Kandi kuwundi musozi, aha, mufite umusaruro urimo gutwikwa n'izuba. Mushobora kuba muri kuri uwo musozi nuko mugatabaza muti " Yoo! Wowe, mazi, temba ugana aha kugira ngo wuhire umusaruro wanjye! Yoo! Wowe, mazi genda kugeza ugeze mu musaruro wanjye ntabwo byashoboka na rimwe. Nyamara mukoze bijyanye n'amategeko yo kuyobora amazi bya gihanga, mwabasha kuhira uwo musaruro.

25 Mufite umurwayi uryamye aha cyangwa umunyabyaha uryamye aha, cyangwa umuntu wifuza gutungana, utabasha kureka kunywa inzoga, utabasha guhagarika kunywa itabi, utabasha kureka guheheta (kurarikira), n'ibindi. Mukoze gusa bijyanye n'amategeko y'Imana, Umwuka wera yinjire aho, icyo gihe ntabwo aba akiri umwe. We - azahagarika ibyo, kuko Umwuka wera azamushyira munsi y'ubuyobozi bwe. Gusa mugomba gukora bijyanye n'amategeko y'Imana, amabwiriza y'Imana.

None, mu Isezerano rya kera, igihe uwo mwana yabaga avutse, baramukurikiranaga, kugirango barebe uburyo yitwaraga, imyitwarire.

Nuko ise wabaga umaze kuba umucuruzi ukomeye birashoboka nko mu myaka mirongo ine cyangwa mirongo itanu, ntiyabaga afite igihe cyo kurera umwana, we ubwe, icyo gihe yashakaga … Muri icyo gihe, ntibari bafite amashuri rusange nk'uko ariho ubu, nuko yashakaga uwo bitaga " Umuyobozi" cyangwa "Umurezi," umwarimu w'ishuri. Kandi uwo mwarimu w'ishuri, yabaga ari intyoza yabaga yabasha kuboneka, kugirango abe ari umunyakuri kandi abwiza ukuri ise kuri ibyo.

26 Nuko nyuma, igihe uwo muhungu yageraga mu kigero runaka, tuvuge, abaye umuntu ukuze. Iyo uwo muhungu yabaga akiri imburamumaro, adafite icyo ashoboye, kuburyo atabasha kwita ku bintu bya se: ibintu byose yabaga atekereza: ari ukuzerera no gusohokana n'abagore, cyangwa kunywa amayoga, cyangwa gukina urusimbi, cyangwa kwiruka ku mafarashi: uwo muhungu yabaga igihe cyose ari umwana ariko ntiyashoboraga gushyirwa mu mwanya we, aho yashoboraga kuragwa ibyo se yabaga afite byose.

Nyamara iyo yabaga ari umuhungu mwiza, kandi akita ku bintu byase, kandi akagaragaza ko ari umwana ukwiriye, icyo gihe bakoraga umuhango w'umunsi mukuru. Bajyanaga umuhungu mu nzira nuko bakamwambika ikanzu y'umweru, nuko bamuzamuraga mu mwanya w'icyubahiro. Ahitegeye rubanda kugirango umudugudu wose ubashe kumubona bakoraga umunsi mukuru na Yubiri, nuko aho, se yakoraga umuhango wo gutanga ubushobozi bw'umuragwa. Yahaga ubushobozi bwo kuba umuragwa umwana we bwite, mu bintu bye bwite. Kandi aho yabaga ari kimwe na se. Muyandi magambo, ari nko muri iki gihe, izina ry'umwana ku rupapuro mvunjwafaranga ryabaga na none rifite agaciro kimwe n'irya se.

27 Na none, nimwitegereze neza icyo Imana yakoze. Igihe umwana Wayo yavutse, yaramuretse aragenda kumara igihe cy'imyaka mirongo itatu kubwo kumusuzuma, kubwo kumurageza. Hanyuma yamuhaye imyaka itatu y'ibigeragezo bikomeye. Nyuma, ku iherezo ry'ibigeragezo bikomeye, igihe yabonye ko umwana we yitaga kubya se: umusozi wo guhindurirwaho, ubutumwa bwiza bwanditswe na Luka, yatwaye Petero, Yakobo na Yohana, abahamya batatu, nuko azamuka ku mpinga y'umusozi kandi aho, Imana yashohoje amategeko yo guha ubushobozi umuragwa we … Bubuye amaso, nuko babona Yesu, n'imyanbaro ye yarabagiranaga, y'umweru nk'umucyo. Nuko mu gihe ubwiza bw'igicu bwamutwikiriye, ijwi ryasohotse mu bwiza bw'igicu, nuko riravuga riti "Uyu ni umwana wanjye nkunda: mumwumvire. None, ngiye kwicara kandi sinzongera namba kugira icyo mvuga. Icyo we avuga, ni itegeko n'Ukuri."

28 None, Itorero ryaciye muri ayo mashuri. Ryashyingiriwe hariya, hashize igihe kirekire cyane; kandi ryahindutse idini, ishyirahamwe rya kidini. Ariko, murareba, ukuvuka kwabyaye ikindi kintu. None ubu, ryageze aho itorero rya pantekote, hamwe n'ukuvuka ubwa kabiri, ryarageragejwe, none ubu, ryageze aho … Imana ntikorana gusa n'itorero nk'ishyirahamwe ry'abantu. Ntikorana n'itorero nk'itsinda ry'abantu.

Ikorana n'itorero nk'abantu ku giti cyabo, buri muntu mu itorero. Kandi ubu, byageze igihe … Kandi ntabwo ari ibanga; turabireba twese. Iyo umuntu aciye mu bigeragezo bye, kandi Imana ikaba imukunda, imujyana ahantu runaka kugira ngo abe hamwe nayo. Aho, imbere y'Abamalayika imukorera ikintu. Iramuzamura, aho hejuru mu maso y'Imana, nuko ikamuha impano, kandi ikamwuzuza, nuko ikamwohereza. Dore igisekuru turimo.

29 Uwo Mwuka wera wakijije Abaluteriyene; wejeje Abametodisite, wabatije Abapantekote; Arategura muri iki gihe ukugaruka k'Umwami Yesu. Mu gihe hazaba hari imbaraga nyinshi, uwo mubiri, Azaza muri iryo Tsinda, Itorero, ibyo bizasohora abandi bose mu mva. Hazabaho umuzuko. Dore akamaro k'Umwuka wera. Ese Umwuka wera ni iki? "Tutari kumwe, ntibashobora gusohora ku gutunganywa." Babayeho mu gihe cya nyuma y'ibyo. Turi ho mu kindi gihe.

"Igihe umwanzi azaza nk'umugezi usuma, njye … Umwuka w'Imana azazamura ibendera kubwo kumurwanya" Murabona? None, turi mu gihe …

30 Icyo gihe... bari bakiri kure yo kuba igihe gikuze nk'uko bibamereye muri iki gihe. Ntibashoboraga gukora ibisasu bya kirimbuzi cyangwa imodoka. Ntibari bafite ubuhanga n'ibindi, nk'uko tubifite ubu, nyamara, n'ayo moko y'ibintu bidasanzwe; kugerageza kuvuga ko umuntu yabayeho, we kubwe, bihereye ku mukungugu, n'ibindi, no kwiha ubusesenguzi runaka no kugerageza kubigaragaza kugirango bahindure abantu abatizera. Ariko ubu, iyo tumwifuje, Umwuka w'Imana uzamura ibendera. Ese ni iki? Asuka Umwuka we. Icyo gihe abaruhukiye hariya, mu mva, cyangwa munsi y'igicaniro cy'Imana, nk'uko ibyanditswe bivuga, bitera hejuru bati " Ni igihe kingana iki, Mwami? Ni igihe kingana iki? Ni igihe kingana iki gisigaye?" Icyo Imana itegereje, ni njye namwe. Icyo Itorero ritegereje ni njye namwe. Igihe cyo guhabwa uburenganzira bwo kuba Umuragwa, igihe Imana ishobora gusuka muri twe umwuzuro wayo, Imbaraga Ya Yayo, Ukuzuka kwayo, kuburyo Itorero na Kristo bizaba rwose bibaye umwe kuburyo Kristo agaragara muri twe, kandi akazazura abapfuye, nuko tukajya mu Izamurwa.

None, tugiye kuvuga, kugaragaza, mukanya, ko hariho abujujwe Umwuka wera bajya muri iryo zamurwa. " Kuko abapfuye bandi ntibazuka mu myaka igihumbi." Hari gusa abantu bujujwe Umwuka wera bagiye mu Izamurwa nyamara Imana Yatanze Umwuka wera …

31 Mfite ikindi gice cy'Ibyanditswe. Aha muri Yohana 14:12 Ni igice kimenyerewe cyane n'abantu b'iri hema.

Ni ukuri, ni ukuri, ndabibabwira, unyizera …

None, ntimureke iryo jambo « uwizera » mwebwe guhagarara, mu bundi buryo. Mu idini , kuvuga ngo « Nibyo, ndizera. Nibyo rwose, nizera ko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana. » Satani yizera ikintu nk'icyo. Nuko bimeze rwose. Bibiliya yarabivuze.

Ariko Ibyanditswe bivuga, muri Yohana, ko « Ntawubasha kwita Yesu Kristo, atari kubw'Umwuka wera. » Mwebwe, muby'ukuri dukurikije Ibyanditswe … Ngiye guhagarara akanya aha, mbere yo gusoza gusoma. Ntabwo mwahindutse igihe cyose mutakiriye Umwuka wera. Ni ukuri.

32 Mwizera « kubwo ». Umwuka wera yavuganye namwe, kandi mwamuhamije mu ruhame. Satani afitenk'ibyo. « Nizera ko ari umwana w'Imana. » Satani nawe ni uko. Mukomeze kugenda mumugana.

Igihe Petero yahamagawe kandi agatsindishirizwa, yizera Umwami Yesu Kristo ; kandi muri Yohana 17 :17 , Yesu yaberesheje Ijambo, kuko Ijambo ryari Ukuri. Kandi Yari Ijambo. Yohana 1 haravuga hati « Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo Yahoranye n'Imana, kandi Jambo Yari Imana. Kandi Jambo Yambaye umubiri, nuko atura hagati muri twe. » Yari Ijambo, nuko Yarabejeje. Yaravuze ati « Data » abwira Umwuka wera muri we, "Mbejesha Ijambo." We ubwe, abarambikaho ibiganza bye. « Ijamo ryawe ni ukuri . » Yamuremesheje gusa Ijambo, munda y'umugore ; yoo ! Ntibishoboka rwose ko cyaba ikindi kintu, usibye Ijambo ry'Imana, kubwo kumugaragaza. « Ndabeza. »

33 33.Yabahaye Imbaraga yo kurwanya imyuka mibi. Barasohotse. Yashyize amazina yabo mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama. Kandi yarabohereje. Yohana … Matayo 10, kandi yabahauye ubutware ku myuka mibi ; kwirukana imyuka mibi, no gusohoza imirimo, n'ibindi. Nuko baragarutse, rwose banezerewe, bavuga bati "N'abadayimoni ndetse baratwumvira."

Yaravuze ati " Ntimushimishwe nuko abadayimoni babumvira; ahubwo nimushimishwe nuko amazina yanyu ari mu Gitabo." Kandi Yuda yari hamwe nabo. Murabona uburyo abasha kuba hafi. Kunyura mu gutsindishirizwa, gukomeza ukagera mu kwezwa. Ariko ni hehe yerekaniye umucyo we? Nihehe se Yigaragaje? Mbere ya Pantekote, Yerekanye amabara Ye.

34 34.Nimwitegereze neza, uwo mwuka uzaba rwose nawo usa nukiranuka, kandi rwose nawo utera imbaraga n'icyizezere uko ushoboye kubikora, kugeza ubwo tuzagera ku Mwuka wera, kandi ni aho bazamucira urubanza. Ni uwo Mwuka (ntimubasha kuwubona) uhaguruka, Antikristo. Kandi Yesu yavuze ko "Bazaba bajya gusa rwose, mu minsi ya nyuma, ko ibyo byayobya ndetse n'Intore, bibaye bishoboka."

Nyamara, nimwibuke, ni Intore gusa zizawubona. Imana ihamagara ishingiye ku gutoranywa. Mwebwe, ntimunejejwe no kuba umwe muri abo [Iteraniro riravuga riti "Amina!" - N.D.E] Ntimunejejejwe, mwebwe abari hano kuri uyu mugoroba, no kumenya ko hari ikintu kiri mu mutima wanyu gikurura kiti "Ndifuza uwo Mwuka wera. Ndakwifuza, Mwami mu mutima wanjye!" Ni uko Imana yashyize izina ryawe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'intama . Mbere yo gushinga imfatiro z'isi.Yarabivuze.

"Ntawubasha kuza kuri Njye,"Yesu niko Yavuze, "Niba Data atamureheje mbere na mbere. Kandi abazaza bose kuri Njye, nzabaha Ubugingo buhoraho. " Ese Ubugingo buhoraho ni iki?" Umwuka wera. "Ubugingo buhoraho," mufate iri Jambo kandi murirebe mu kigiriki, nuko haravuga hati " Zoe, Zoe, » ni Umwuka wera.

Kandi abo Data yampaye bose bazaza kuri njye. Nzamuha Umwuka wera, kandi nzamuzura ku munsi w'imperuka. « Nzabikora », niko yavuze. Aho ntihari « niba » na « kandi », « Nzabikora. » Abazaza bose : Nzatanga Ubugingo buhoraho. Bizaba ngombwa ko azuka, kubera ko afite Ubugingo buhoraho. Bizaba ngombwa ko Aza. Ntiyabasha nahato gupfa nk'uko Imana itabasha gupfa.

35 Yoo ! Nshuti zanjye muri hose muri iki gihugu, no muri uyu murwa, niba gusa, nkoresheje ijwi ryanjye rya kimuntu, nabashaga gushyira mu mutima wanyu akamaro ko kwakira umubatizo w'Umwuka wera, byababera uguhishurirwa guhebuje, kurenza uko mwaba mwarigeze kugira kose mu buzima bwanyu. Ko kubona ibyo … Ntimufite amahitamo.

Njyiye kurushaho kugaragaza iyi ngingo. « Ntabwo mwahindutse. »

Petero yari yarakijijwe. Yizeraga Umwami, Yaramukurikiraga, Yesu yari yaramubwiye uwo yari we, Yari Yaramuzanye ngo amukurikire. Yari yaramuhaye ububasha ku myuka mibi kandi yari yaramwejeje. Ariko nyuma y'ibyo byose, kandi yari yarahindutse umuvugizi mukuru w'itsinda : nk'uko Abagatorika bajya bifuza kumwita, « Umwepisikopi w'itorero, cyangwa Papa,» cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose, umukuru w'itorero, nyamara Yesu yaravuze, ijoro yagambaniwe mo ati « Urankunda, Petero ? »

Nuko yaravuze ati « Mwami, uziko ngukunda. »

Yaravuze ati « Ragira intama zanjye. » Yavuze ibyo inshuro eshatu.

Kandi Petero yaravuze ati « Uziko ngukunda, kuburyo nagukurikira kugeza ku - ku iherezo, kugukurikira kugeza mu rupfu, n'ibindi.

Yaravuze ati « Mbere y'uko inkoko ibika gatatu, wowe … Mbere y'uko inkoko ibika, uraba wanyihakanye gatatu." Yaravuze ati " Nyamara, Petero , nakwingingiye." Mwumve. Si ibyo gusa. "Nakwingingiye kandi igihe uri bube uhindutse, icyo gihe ukomeze bene so. "Igihe uri bube uhindutse." Yari yateye hejeru n'urusaku. Birashoboka ko yari yabyinnye mu mwuka, we - yari yakoze ibintu byose, nyamara, ntiyari yarakiriye Umwuka wera. "Igihe uri bube uhindutse, nuko ukomeze beneso," ni ukuri, "shyira mu bikorwa integuro Ye."

36 None, ngire gusoza gusoma Yohana 14:12. None, mu gice cya 14 no kumurongo wa 12, Yesu yaravuze ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndabibabwira, unyizera …" Kandi ntimushobora kwizera … "Nyizera." Mubasha kwizera kugirango mugere kuri we. Abasobanukiwe ibyo byose, bavuga bati "Amina!"

Mwibuke, mu Byakozwe n'intumwa 19. Mbabajwe no guhagarikira aha, ariko ni mgombwa ko mbivuga nk'uko binzaho. Mu Byakozwe n'intumwa igice cya 19, igihe uriya mu bwirizabutumwa w'Umubatisita, wari u - umuntu w'umunyamategeko kandi wari warahindutse, nuko yarabwirizaga, kandi abantu barakizwaga. Kandi bari bafite umunezero, baranezerwaga, bakanatera hejuru bavuza urusaku, bakoraga iteraniro. Ibyakozwe n'intumwa ibice 18, Akwira na Purisikira, twabivuzeho ejo k'umugoroba. Nuko ajyiye kumureba. Kandi bari bazi ko yari umuntu ukomeye, kandi ko yari inzobere mubyo yigishaga. Nuko yagaragazaga yifashishije Bibiliya ko Yesu yari umwana w'Imana, mu gihe yari azi gusa umubatizo wa Yohana. Ntabwo yari yakamenye umubatizo w'Umwuka. Nuko yaravuze, …

Akwila na Purisikila, uwo mugabo n'umugore, ababoshyi bato b'amahema; kandi Pawulo nawe yari umuboshyi w'amahema. Kandi bari barakiriye Umwuka wera kubw'inyigisho ya Pawulo. Baravugaga bati "Dufite mwenedata muto uje hano. Natubwire gake kuri ibyo."

Nuko igihe Pawulo yaje kandi akamwumva abwiriza, yabonye ko yari umuntu ukomeye, yaravuze ati "Mwakiriye Umwuka wera nyuma y'uko mwizera?

Baravuze bati " Ntabwo tuzi ko … Niba hariho Umwuka wera." Yaravuze ati " None, ni uwuhe?", cyangwa Ijambo nyaryo ry'Ikigiriki, aha, ni " Buryo ki mwabatijwe mo?"

Baravuze bati "Ubu twabatijwe, kubwa Yohana Umubatiza."

None nimwitegereze neza icyo Pawulo yavuze, Pawulo yavuze, ko "Yohana yabatije kubwo kwihana; ntabwo ari kubwo kubabarirwa ibyaha, ahubwo ni kubwo kwihana, ni ukuvuga ko aribyo mwizeraga. "

Iyo mwemeye kubasha kugira Kristo nk'Umukiza wanyu ku giti cyanyu, mwizera kubwo gusohora k'Umubatizo w'Umwuka wera. Ntabwo ari Umubatizo w'Umwuka wera, ncuti zanjye Benedata b'Ababatisita. Ni ikosa.

37 Mwenedata umwe yarambwiye, undi munsi, yaravuze ati "Mwenedata Branham," cyangwa hashize igihe gito, amezi make, yaravuze, ati "Mwenedata Branham, Aburahamu Yizeye Imana, nuko ibyo byatumye abarwaho gukiranuka."

Naravuze nti "Ni ukuri."

Yaravuze ati "Ese ni iki umuntu yabasha gukora kirenze ukwizera?"

Naravuze nti "Icyo nicyo gusa umuntu yabasha gukora. Icyo nicyo gusa yabasha gukora muri iki gihe, ni ukwizera Imana. Nyamara Imana yamuhaye ikimenyetso, ugukebwa," twabibonye ejo kumugoroba, "Ni ikimenyetso cy'uko yari yamenye ukwizera kwari muri we." Kandi, muri iki gihe, mu gihe Imana …

Mwizera kugira ngo mubashe kuyigeraho, iyo mumwemeye nk'Umukiza wanyu ku giti cyanyu. Nyamara igihe Imana isohoye ikimenyetso cy'Umwuka wera, yabashyiriyeho ikimenyetso kubwo aho mujya h'iteka (hahoraho). None mwebwe, Ababatisita, nimufate ibi, nuko nzemeranya namwe k'umutekano w'iteka (uhoraho). Nibyo mugenzi wanjye. Kubw'ibyo: "Ntimugateze agahinda Umwuka wera w'Imana, uwo mwashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa kwanyu." Ntimwashyizweho ikimenyetso mwizera kubwo, ahubwo mwashyizweho ikimenyetso n'Umwuka wera. Abefeso 4:30 : "Ntimugateze agahinda Umwuka wera w'Imana, uwo mwashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa kwanyu." Bigushyiraho ikimenyetso, igihe mwagiriwe ubuntu mu maso y'Imana, kandi Ikaba Yarabashyizeho ikimenyetso cy'Umwuka wera. Nuko bimeze, kubera ko Bibiliya ivuga iti "Ntawubasha kuvuga ko Yesu ari Kristo, atari kubw'Umwuka wera."

38 Muravuga muti " Ndabyizera, kubera ko Umushumba yabivuze." Afite ukuri,ariko nta gaciro bifite kuri mwe. "Ndabyizera kubera ko Ijambo ribivuga." Nu ukuri, ariko si ibyanyu, ntabwo bituma mubibamo.

Uburyo bumwe bwo kuvuga ko Yesu ari Kristo ni igihe Umwuka wera yinjiye muri mwe kandi agahamya, kandi ahamya We ubwe ko "We ari Umwana w'Imana." Nibwo buryo bwonyine kuri mwe bwo kumenya Umuzuko, ni igihe Umwuka wera ahamya. "Igihe we , Umwuka wera azaza, azampamya, azabereka ibyenda kubaho; Azabibutsa ibyo bintu nababwiye." Ntimuzabisanga na rimwe mu ishuri. Murabona? We azabibutsa ibyo bintu.

39 None, turifuza kubisoma gakeya, muri icyi gice cy' Ibyanditswe, aho, Yohana 14:12.

Ni ukuri ni ukuri, ndabibabwira, unyizera azakora nawe ibikorwa nkora, azakora ibikorwa birutaho … Kandi aho, insobanuro nyayo, ni " Birenze," niba mwifuza kujya kubigenzura (kureba ko ari byo)... bikomeye kurushaho, kuko njya kuri Data.

Niba yarajyaga kuri Data, icyo gihe Umwuka wera yagombaga kuza. Si ukuri? Ikindi gice cy'Ibyanditswe kiravuga kiti "Ni ntagenda Umufasha ntazaza, ariko ningenda, nzagaruka kandi nzabana namwe, kandi ndetse no muri mwe." Murabona, ni Imana hamwe na mwe. Hejuru yanyu, mbere na mbere, hamwe na mwe; muri Kristo; muri mwe; mu Mwuka wera. Ni Imana muri mwe.

40 None, "Ibikorwa nkora, muzabikora namwe," ntabwo ari ikindi gikorwa. Ariko Imana irifuza kuzana Umwuka wera, muri mwe, kubwo gukomeza igikorwa nk'icyo yakoreraga muri Kristo. Igikorwa nticyasabaga byinshi mu minsi ya Luther, ryari Itorero ry'Imana. Ntibyari … Cyasabaga ibyisumbuye ho mu minsi ya Wesley. Kubw'ibyo, "Isi," niko Bibiliya yavuze, " Yagombaga kugenda buri gihe icika intege, kandi iba iy'ubuhanga kurushaho, no kuba ingome kurushaho." Twebwe … Isi ihindutse ingome birenze, nta … Tuzi twese ibyo. Murabona, iki gihe abantu bakora ibintu, ibyo mu myaka ijana ishize, ntawabashaga kuba yatekereza ko ikiremwamuntu cyabasha kuba umugome nk'uku. "Nta gutuza, abagome bakabije, kandi abagome bazakorana na none mu bugome, badatuza," Icyanditswe niko kivuze, "kugenda urushaho."

41 Nuko, Umwuka wera yarakoze. Hari hari gusa akuka gake koroheje na Luther, hari hari impumeko hamwe na Wesley; kandi habayeho impumeko ikomeye hamwe n'Abapantekote; ubu impumeko n'Umwuka babaye ikintu kimwe. Arimo ariyunga, bibyara iyo mpumeko imwe y'imbaraga y'Umwuka wera, nk'uko Yabikoze icyo gihe. Aragaragaza imirimo n'icyo yakoze icyo gihe, ndetse byaragaragaye muri iki gihe, ikintu kimwe.

Mwitegereze neza ibyo Yesu yavuze. "Ni ukuri, ni ukuri, ndabibabwira, umwana nta na kimwe yabasha gukora atabonye Data agikora mbere na mbere. Icyo Data akora, Acyereka umwana. Data atuye muri njye; niwe ukora imirimo." Murabona?

42 None , nimurebe, ikintu nifuza kuvuga muri aka kanya "Nkuko," Yesu yavuze, ati "Nk'uko Data

yanyohereje. Nk'uko," none nimwitegereze neza, "nkuko Data yanyohereje, Ndabohereje." Nk'uko Data …" Ni gute Data Yari Yamwohereje? Data wari Wamwohereje, yamanutse mu Ijuru nuko atura muri We.

Yarakomeje. Yaravuze ati "Nkora buri gihe icyo Data ashaka." Murabona? Yitaga ku gukora ibintu Data Yamwerekaga ibyo yagombaga gukora. "Nta na kimwe nkora , atari Data ukinyeretse mbere na mbere." Imana Yari Yamwohereje, Yari muri We. Kandi nk'uko Data Yanyohereje; ku buryo bumwe Data Yanyohereje, Ndabohereje." Ese icyo ni iki? Imana muri mwe, Ikomeza (iki?) ibikorwa bimwe, bimwe.

Yesu Yaravuze, ati " I … Unyizera, umfite muri we, Umwuka wera; Unyizera, wamaze kuba Umuhamya w'Umuzuko wanjye, uzi ko ndi muri We, Uri muri njye; nimuguma muri Njye, Amagambo Yajye akaguma muri mwe."

43 Aho, muravuga, muti "Nguma muri Yesu; nyamara sinizera ugukira indwara kubw'Imana." Bigaragaza ko utari aho.

" Nizera Yesu ; sinizera Umwuka wera muri iki gihe ntabwo ari nk'uko bari bamufite icyo gihe." Biragaragaza ko utari aho.

Umwuka wera azahamiriza Ijambo ryose Yavuze. Ntabwo ari Umubeshyi. Nta muntu afitiye ubwoba, haba n'ishyirahamwe na rimwe rya kidini. Ntakeneye gucisha make imbere y'uwo ariwe wese. Aravuga, kandi hanyuma Akabihagararaho.

Niba abari mu nzego zo hejuru, kandi bahumanye, kandi injijuke, cyangwa nk'uko babita, intiti, niba bo batifuza kumwakira, "Muri aya mabuye, Imana ibasha kuyabyazamo abana b'Aburahamu." Izafata ibihazi by'ibisambo, n'abatwawe n'inzoga, n'abandi nk'abo, kandi Izabakuramo. Imana ishobora kubikora, kandi Irabikora. "Muri aya mabuye, Imana ishobora kubyazamo abana b'Aburahamu." Umuntu agiye kumwakira, kubera ko ari Imana.

44 " Nimuguma muri Njye, n'amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka," Kubera ko musaba Ijambo Rye, kandi Ijambo Rye ari Ubugingo. Ni murivuge. Niba Imana Yarabivuze, kandi mukaba muzi neza ko Yabivuze, Umwuka wera ahamiriza ko iryo Jambo ari ukuri, none ngibyo, mwenedata ni murivuge; ngibyo. "Mubwire umusozi muti 'va aho' ntimushidikanye mu mutima wanyu, ahubwo mwizere ko icyo mwavuze kizasohora." [Mwenedata Branham akubita inshuro eshatu mu biganza bye.- N.D.E] Ntabwo ari mwebwe muvuga, ahubwo Data utuye muri mwe; Niwe uvuga. Ntabwo ari wowe ubwira uwo musozi, ni Data uri muri mwe, ubwira uwo musozi, ugomba kunyeganyega. "Amajuru n'isi bizavaho," Yaravuze ati "Nyamara Umwuka wanjye nta … Cyangwa Ijambo Ryanjye ntirizavaho na hato." Ntagushidikanya, ntiribasha kuvaho. Data...

45 Nuko, "Imirimo nkora." Imana Iri mu Itorero ryayo, kubwo gukomeza imirimo Ye. Ni kubw'ibyo yohereje Umwuka wera. Nyamara yari Izi ibyo. We - Yaraziko bitajyaga kuba, kuko bitajyaga gushoboka gukorwa gutyo, nuko, kubwo, mu bundi buryo, nuko byasabye ko Yohereza. Data Yohereje Umwana, Yashyize byose, ibyari biri mu … Mwana muri mwe. Kandi ibikorwa bimwe nibyo Yakoze, neza neza ibikorwa bimwe, aho, ibyo Yesu Yakoze, namwe, muzabikora, Itorero. Ese ntimukunze gukora ibikorwa by'Imana? [Iteraniro riravuga riti "Amina!" - N.D.E] Yesu yaravuze ati "Niba mwifuza gukora ibikorwa by'Imana, munyizere." Ese ni gute mu mwizera? Ntimushobora kubikora igihe cyose mudafite Umwuka wera.

Kubw'ibyo, Ntawubasha kuvuga ko ari Umwana w'Imana; muvuga icyo uri undi yavuze. "Bibiliya ivuga ko ari Umwana w'Imana; nizera Bibiliya. Umushumba aravuga ko ari Umwana w'Imana; nizera Umushumba. Mama avuga ko ari Umwana w'Imana; nizera mama. Incuti yanjye ivuga ko ari Umwana w'Imana; nizera incuti yanjye."

Nyamara uburyo bumwe kuri njye bwo kuvuga ko ari Umwana w'Imana, ni igihe Umwuka wera yinjiye kandi Akihamiriza ubwe icyo gihe menya ko ari Umwana w'Imana. [Mwenedata akubita inshuro enye k'uruhimbi.-N.D.E] " Ntawubasha kuvuga ko Yesu ari Kristo, atari kubw'Umwuka wera." Yuu! Nta muntu, niba yaravugishijwe n'Umwuka w'Imana wavuze ko Yesu ari ikivume, cyangwa wavuze ko yari ikintu runaka icyo gihe kandi ikindi kintu runaka muri iki gihe. Ibyo, byamuhindura umunyantege nke n'udafite igihagararo. Oya, mugenzi wanjye. Uko yari ari ejo, niko ari uyu munsi, kandi niko azahora iteka ryose. Umwuka wose w'ukuri uzahamya ibyo. Ni byiza cyane.

46 Nuko, Yaravuze, ati "Ibi bikorwa nkora, muzabikora namwe," Yohana 14:12, aho, ibikorwa bimwe. "Yoo!" Baravuga, bati "Itorero rirakora igikorwa gikomeye cyane muri iki gihe." Ibyo bimeze bite? Yaravuze, ati "Ibikorwa nkora." "Ibyo" baravuga bati "None, dufite intumwa zivuga ubutumwa mu isi yose, ibyo, ni igikorwa gikomeye cyane."

Nyamara yaravuze, ati "Ibikorwa nkora." None, mukore ibyo ngibyo; mukore ibyo ngibyo mbere na mbere, hanyuma muvuge iby'intumwa zivuga ubutumwa hose.

Muri iyi minsi, aha, hashize igihe gito, navugaga k'umuyisilamu, yaravugaga ati "Muhamedi yarapfuye."

" Ni ukuri, ari mu mva, ariko umunsi umwe azazuka"Yaravuze ati "Azutse mu mva, isi yose yabimenya mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane. Yaravuze ati "None mwebwe, muvuga ko hashize imyaka ibihumbi bibiri Yesu azutse, kandi ntihariho na none na kimwe cya gatatu cy'abantu babizi."

Ni ukubera ko mwavuze mu buryo bw'ubwenge. Mwavuze ku buryo bw'amashuri cyangwa ubumenyi bwa gihanga.

Iyo iri torero rigari ry'Imana, tubaze Abagatorika, Abaporotesitanti, bose hamwe, babaye barakiriye Umwuka wera, iyi si yakabaye ishikamye mu buryo bw'ikivunge mu Bukristo, Ubukominisimu [Politiki yo guhuriza byose hamwe no kubisaranganya no kutemera Imana] ntiyakabayeho; amahane, cyangwa ubwanzi, cyangwa ubugome, cyangwa urwango ntibyakabayeho. Yesu yakabaye yicaye ku Ntebe y'Ubwami Ye, kandi twakabaye tugenda muri za Paradizo z'Imana, dufite Ubugingo buhoraho, turiho by'iteka : twaramaze kuzuka mu mubiri mushya, turimo dutembera, tutazongera gusaza na rimwe, tudacuyuka, tutarwara, tutagira inzara, tugenda mu munezero w'Umwami, tuvugana n'inyamanswa. Kandi, yoo! Mbega umunsi!

47 Nyamara twakoze byose, usibye ibyo Ya …

Yaravuze ati " Mujye hose nuko mubwirize Ubutumwa bwiza." Ubutumwa bwiza bukora iki? "Si Ijambo gusa, ahubwo n'Imbaraga no kwigaragaza k'Umwuka wera." Kugaragaza Ijambo ry'Imana, ibyo nibyo Butumwa

Nti mushobora kubikora. Nyamara, Yesu yarabizi ko byari ngombwa ko Aba mu Itorero Rye.

Rero, Yari azi ko bazagira amashuri y'ubuhanga. Kandi ntimuzigera na rimwe mwakira ibi mu ishuri ry'ubuhanga. Bazabirwanya. Kubw'ibyo, ibyo bazi byose, n'ubumenyi bw'umuntu w'umuhanga, inyigisho y'umuntu cyangwa idini, aribyo bifuza, kubaho bakurikiza. Nuko bo - bagiye kubinjiza muri byo, no kubahindura urugingo rw'uwo mubiri, kandi, mwenedata, bakasubiriramo ibintu bivuye mu nyigisho y'umuntu, bifite isura muby'ukuri itunganye. "Itorero rigari ryera(rifite ishusho yo kwera), nyina(w'amatorero n'amadini), ryahanganye kenshi n'inkubi, ryahanganye kenshi n'ibitero." Satani nawe n'uko, yirukanywe hafi ya hose, kandi nyamara arakomeje uko biri kose. Nibyo mu genzi wanjye. Yoo! Bazagerageza gusubiramo ibyo.

48 Nuko, Yesu Yarazi ko hajyaga kubaho urugaga rukomeye rw'ubuhanga, nk'uko rwari ruriho mu gihe Cye, rwo koza ibibindi n'ibyombo no kwambara imyambaro, n'ibirango bya kidini mu ijosi bireba inyuma (Cols) n'ibintu byose nk'uko babikoraga, ibyo bintu byose binyuranye bagombaga gukora. Yari azi ko bajyaga gukora ibyo; nuko yaravuze ati "Mwitegereze umunota, aho. Si ngiye kubasiga nk'imfubyi, Nzagaruka kugirango mbane namwe. Niyo mpamvu," Yaravuze ati "Ibikorwa nkora, muzabikora namwe."

Intego yo kohereza Umwuka wera, yari ukugira ngo Imana Ikomeze Inyuze mu itsinda ry'abantu kugaragaza Imana ku isi mu buro budacogora. Nibyo, muby'ukuri. Atari kubw'inyigisho y'umuntu, atari kubw'idini; ahubwo kubw'Imbaraga y'umuzuko We, mu kugaragaza Ijambo ko ari rizima; dufata Isezerano rye; kandi duhagarara mu ruhande rw'abanyamwuka no mukwizera Imana no kubona ibicu by'umwijima bitamuruka, n'Imbaraga y'Imana yinjira igafata umwanya. Amina! Dore icyo yifuza. Dore impamvu Umwuka wera yoherejwe. Dore intego yatumye Imwohereza. Ubu tuzi icyo Ari cyo, kandi dore impamvu Yamwohereje.

49 None, ntayandi maraso yajyaga kubasha kweza abantu. Sinajya kubasha kubeza, kandi ntimwajyaga kubasha kunyeza, kubera ko twabyawe twese twembi kubw'igitsina. Nyamara Yesu ntabwo ari kubw'igitsina ni ukuri, nuko amaraso Ye yari icyuhagiro. Kandi Imana Yaramanutse, Irema umubiri, Iwutura mo, Imena ayo maraso kubwo kweza, ari byo byakuyeho burundu urubanza rw'icyaha n'isoni. Nuko, kubwo kwizera; mukubyizera, Imana Imanukira idakebakeba muri uwo mubiri w'umuntu, kubwo kwezwa n'ayo maraso, ari byo bimuhindura imbuto y'Aburahamu, kubwo kwizera.

Mu kwizera ko ayo Maraso yajyaga kuboneka, ayo Maraso yagombaga kumbera igitangaza nk'amaraso Ye, yagenze hariya nyuma y'uko "Yari ameze nk'upfuye" Yizeye Imana igihe cy'imyaka makumyabiri n'itanu, yari afite imyaka mirongo irindwi n'itanu, kandi yarizeye kugeza ubwo agira ijana. Kandi Sara mirongo itandatu n'itanu, kandi yarizeye kugeza ubwo agira mirongo icyenda. "Kandi Yari ameze nk'upfuye."

Nuko Imana yaravuze , iti "Kugira ngo abantu babe baba bazi neza ko batamubuza, mujyane hariya hejuru ku musozi kandi umutangeho igitambo."

50 Yabwiye abagaragu ati " Musigare aha hamwe n'inyumba kandi mutegereze. Njyewe n'umwana tugiye hariya kugira ngo turamye, kandi njyewe n'umwana turaza kugaruka." Yoo! Ese ni buryo ki agiye kubikora?

Aburahamu yaravuze ati "Namwakiriye nk'uvuye mu bapfuye. Kandi nziko uwamumpaye, nk'uvuye mu bapfuye, abasha kumuzura mu bapfuye niba gusa nubashye Ijambo rye. Kubaha, nubaha Ijambo rye,

Ibasha kumuzura mubapfuye.”

Byashushanyaga kuburyo bwuzuye neza Kristo! Dore nguriya. Kandi binyuze muri iriya ngirangingo y'amaraso hasohotsemo Umwuka wera, Yari Yuzuye kuburyo butsindagiye mu mubiri witwaga Yesu. Ayo maraso Yejeje, kubwo kwizera, uburyo bwo guhamagara abacunguwe, cyangwa Intore z'Imana. Kandi igihe mwemeye ibyo, kandi Umwuka wera akaba Yarakuye muri mwe ubugome bwose, Yinjira adakebakeba; Imana Ubwayo, kubwo gusohoza ubushake bwe.

Aha ku isi, uwo mugome w'umutware ni umunyamwaga kandi umunyabugome wa kera, aho, akora iki kintu na kiriya; kandi uwo arabivuga, akabirwanya. Umuntu wuzuye Umwuka wera ahangana n'ibyo byose. Amen!

51 “ Kandi bari babizi. Bari injiji kandi ntibari barize, nyamara, bari babazi ko babanye na Yesu.” Dore impamvu Umwuka wera yaje.

Umurobyi rwose woroheje uteri uzi no kwandika izina rye. Nyamara yahagaze hariya nuko aravuga ati “Twizere nde, umuntu cyangwa Imana?” Amina! [Mwenedata akubita incuro imwe mu biganza bye. - N.D.E] “ Mumenye ibi, tuzabwiriza uko bimeze kose mu Izina rya Yesu.” Yoo! Mbega ugushira amanga! Yari azi ko yari afite Inzu hariya. Ni ukuri. Yari umugenzi n'umwimukira aha. Yifuzaga umurwa uzaza.

Iby'uwo mutambyi w'indyarya byajyaga kumutwara iki? Yari munsi y'Ubutware bw'Imana yo mu Ijuru. Yari yarazuye Umwana wayo, Yesu - Kristu, Kandi Yari Yaramwujuje Umwuka w'Imana wari wararemye amajuru n'isi. N'ibyo. Ntiyari amufitiye ubwoba. Oya. Mugenzi wanjye.

52 Urupfu … Dukomeze, igihe bari bazanye iyo ntwari Sitefano hariya, kandi bakavuga bati “Hakana ibyo wavuze!”

Yaravuze ati “Bantu batagonda ijosi kandi abatakebwe umutima n'amatwi, murwanya igihe cyose Umwuka wera. Ibyo basogokuruza banyu bakoze, murabikora namwe.”

Baravuze bati “Tujyiye kugukubita kugeza upfuye!” Yaravuze ati “Ntimubasha gukora ibyo, uko biri kose mwebwe … ? …”

“Tujyiye ku kwereka niba tujyiye kubikora cyangwa tutabikora!” Nuko bafashe amabuye manini nuko batangira kuyamukubita mu mutwe.

Yubuye amaso, nuko aravuga ati “Ndabona amajuru akinguye. Ndabona urwego rumanuka. Ndabona Yesu ahagaze iburyo bwa nyiri ikuzo.” Kandi Bibiliya ntivuga ko yapfuye, Yarasinziriye. Ooh! Ra,ra! Nshobora kubona Malayika amanuka, amutwara anamuhagatiye nk'umwana, umubyeyi, kugeza ubwo asinzira . Ooh! Ra, ra! Nibyo rwose. Dore intego y'Umwuka wera. Dore impamvu yatumye Imana yohereza Umwuka wera.

53 Umwuka wera Yaje kugira ngo abahe Imbaraga. Mfite ibindi bice by'Ibyanditswe hano, gusa akanya. Umwuka wera Yaje kugira ngo abahe Imbaraga. Njyewe - sina … Muzashobora kubona uriya; muby'ukuri natwawe rwose, kuri uyu mugoroba.

Kubaha Imbaraga, Imbaraga mu gusenga.

Murebe umuntu wabayeho ubuzima bwiza (bukiranuka), gusa buri gihe baratsindwa. « Yoo, ndababwira … Umuntu w'Intwari, « Yoo, nibyo rwose, nkunda Umwami, Mwenedata Branham ! » Igihe cyose baratsindwa, ntibabona na rimwe igisubizo cy'icyo basabye.

Nimwuzuze Umwuka wera igihe kimwe uwo mudamu woroheje, mwitegereze icyo bibyara. Igihe agiye imbere y'Imana, ntatsindwa. Yegera afite ubushizi bw'amanga Intebe y'Imana, yizeye. Ahafite uburenganzira, kubera ko ari umukobwa w'Imana, kubwo kuvuka(Ubwakabiri). Ni mufate uwo mugabo woroheje, w'umunyabwoba cyane, sebuja ntahwema gusakuza. Aravuga ati « Akanya gato. » Ikintu cyarahindutse, murabona, afite Umwuka wera. Abaha imbaraga. Ubuzima bwanyu bwuzuye Imbaraga.

54 Abaha Imbaraga zo kwisobanura. Nyamara, abo bantu bari bafite ubwoba, igihe bari bahagaze aho hanze ; Petero, Yakobo, Yohana, Luka, n'abandi. Bari bagiye mu cyumba cyo hejuru, baravuga bati « Yoo ! Nta na kimwe tubasha kuvuga. Ibi, nimwitegereze, hariya, dore umuhanga uhanitse runaka, na runaka, hariya. Dore umwigisha ukomeye runaka na runaka. Murabizi, afite impamyabumenyi enye zihanitse ; ni buryo ki twabasha na rimwe kumuyobora ? » Petero yaravugaga ati « Yoo ! Ndibuka ko nagurishije ifi uriya muntu, umunsi umwe. We - yaravugaga, kandi sinamenyaga ndetse n'icyo yavugaga. Yoo ! Sinabasha na rimwe kumuyobora. » Ariko, ese ni iki …

« Ni iki twakora, benedata ? »

- Yaravuze ati « Mutegereze. »

- None, ubu hashize iminsi ine turi hano.

- Komeza utegereze, gusa.

- Igihe kingana iki ?

- Kugeza ubwo.

- None, ese yavuze ko bizaba ari ku munsi wa gatanu?

- Ntabwo yavuze uko igihe kingana. Yaravuze ati "Kugeza ubwo."

Nuko, bakomeje gutegereza, gusa kugeza ryari? "Kugeza ubwo." Iminsi umunani yarashize. « Kugeza ubwo .» Iminsi icyenda yarashize « Kugeza ubwo. »

55 Hanyuma, ku munsi wa Pantekote, bose bari bari mu mwanya umwe, bahuje umutima.

Imana yari iri hejuru yabo, mu Nkingi igurumana ; Imana yari yaragendanye nabo, ku isi ; none hari hagiye kubaho ikindi kintu. Ikintu runaka kiri bugufi gusohora.

… Bose bari mu mwanya umwe, bahuje umutima. Uwo mwanya umuriri uza uturutse mu Ijuru, nk' … Umuyaga uhuha cyane, cyane nuko wuzura icyumba bari bicayemo.

Indimi … zigabanije … Zijya kuri … Bo.

Ni ibiki, « zigabanije ?» « Zigabanijwemo imigabane. » Nk'ukudidimanga, ese mwigeze kumva umuntu udidimanga ? Bavuga « euh,- euh- euh, ooh, euh - euh, » murabona ntibabasha kugira icyo bavuga. « Zigabanije, zigabanijwemo imigabane. » Nk'ikirenge cy'amano, birashaka kuvuga ikintu « Gitandukanijwe, kigabanijwe mo imugabane. » Ntibavugaga. Ntibatoboraga. Nta kindi bakoraga usibye gutera urusaku.

Indimi … zigabanije zaje kuri bo, nk'aho zakabaye umuriro.(Yoo, Ntibabashaga kwiyumanganya!) Nuko bose buzuzwa Umwuka wera, … Yoo!

56 Hanyuma, ese ni iki cyabaye? Ngabo basohotse mu muhanda. "Ese wa mwigisha mukuru Jones ari he? Uwo ari he? Kandi icyo gihangange cyo mu ntekerezo kiri he?"

"Imana yari hejuru yacu, hamwe na Mose, mu gihuru kigurumana; Yatugaburiye Manu, yo mu Ijuru. Yagendanye natwe kumara imyaka itatu n'itandatu … Imyaka itatu n'amezi atandatu, hano ku isi. None ari muri njye. Ntabwo ari njye uvuga ; ni We. Nzi uwo ari we ; kandi nzi uwo ndi we. Nabwo ari njye uriho ; niwe . »

Ni mumuzane aha ! Bantu b'Isirayeli, kandi mwe … abatuye i Yudaya, mumenye ibi, mumenye … Kandi mutegere ugutwi ijwi ryanjye, mwebwe, ababwirizabutumwa n'abigisha.

Yoo ! Ooh ! Ra,ra ! Imbaraga mu Ijambo ! Yoo ! « Aba bantu ntibasinze ! » Yavugiraga abo bantu bake, ijana na makumyabiri, ku bihumbi icumi cyangwa birenga.

… aba bantu ntibasinze, nk'uko mubyibwira, kuko iyi ni isaha ya gatatu y'umunsi.

Ndi Umubwirizabutumwa w'Ubutumwa bwuzuye. Ahubwo ibi ni ibyavuzwe n'Umuhanuzi Yoweli :

Mu minsi ya nyuma, Imana niko ivuga, nzasuka … Umwuka wanjye (Yoo !) ku bantu bose ; banyu …

Mwabonye Mariya hariya abyina mu mwuka, avuga mu ndimi kandi akora ibntu bidasanzwe byo kwibazwaho? … ku bantu bose; …

… Kandi no kubaja banjye … Nzasuka ku Mwuka wanjye; … [Mwenegata Branham akubita inshuro eshatu mu biganza bye - N.D.E]

Nzagaragaza ibimenyetso hejuru mu kirere cy'amajuru no … hasi ku isi,… inkingi z'umuriro, n'ibihu by'umwotsi;

Nuko Imana yari mu bwoko bwayo, Amina!

57 "Ariko, rero, ese ni iyihe mpamyabumenyi wabonye? Ni irihe shuri wavuyemo, hehe?

"Ntacyo bihindura muri iki gihe." Yoo! Yatangiye gusuka Ibyanditswe.

Dawidi yari yamubonye mbere! … Ku buryo budahinduka Uwiteka ari imbere yanjye … Si nzagwa na hato … Byongeye kandi umutima wanjye uba mu munezero, kuko … kandi ururimi rwanjye ruba mu byishimo ;

…Ntazarekera ubugingo bwange ikuzimu h'abapfuye, kandi ntazemerera Uwera we ko abona kubora.

... nemererwe ku kubwira ntategwa ibyerekeye sogokuruza Dawidi … Yarapfuye, arahambwa, kandi imva Ye iriho … uyu munsi muri twe.

Ariko kubw'Umuhanuzi … Yari yarabonye mbere ukuza k'Umukiranutsi.

… Nuko mumenye ko Imana yagize Umwami na Kristo uwo mu Yesu uwo mwabambishije ibiganza by'inkozi z'ibibi. Amina!

Bagabo benedata, ni iki twakora kugirango dukizwe?

… Aravuga ati " Ni mwihane, buri wese muri mwe, kandi mubatizwe mu Izina rya Yesu Kristo, kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu; nuko muzahabwa impano y'Umwuka wera. Kuko Isezerano ari iryanyu, n'abana banyu no ku … Bari kure, n'umubare munini abo Umwami Imana Yacu Izahamagara ibihe byose. Amina!

58 Igihe cyose Imana igifite Ubwoko, Imana ikagira Itorero, Imana ifite Umwuka wera Ujyana naryo. Dore Impamvu Imana Yatanze Umwuka wera. Hazabaho abahanga, ibihe byose babayeho. Ariko Imana ifite Umubare muto cyane w'abantu ahantu runaka. Imana ifite Itorero ritoya rizakomeza kujya mbere hamwe n'umubatizo w'Umwuka wera, kubwo gusaba Umucyo. Kandi abo bazaba ari bo, kubwo Ubuhamya bwabo, bazacira imanza ab'isi.

Bibiliya ntivuga yuko Yesu Yavuze ati "Hahirwa abafite umutima uboneye, bazabona Imana?" Kandi ntivuga ko "Abakiranutsi, abera, bazacira imanza isi?" [Iteraniro riravuga riti "Amina!" -N.D.E] Ni iby'ukuri. Ubuhamya bwanyu uyu munsi buzazana urubanza kuri uyu murwa. Ubuhamya bwacu bwo kubatizwa mu Mwuka wera n'Imbaraga y'Imana, Ubuzima bwera, bizazana urubanza ku murwa.

59 "Abambere bazaba abanyuma; abanyuma bazaba aba mbere." Sinzamenya ikintu na kimwe kuri Sankey no kuri Moody, mu muzuko wabo. Bo nta kintu na kimwe bazamenya kubyange, muri ibi. Nyamara nzahagarara muri ibi, kubwo guhamya; namwe n'uko.

Nuko mu gukora ibyo, mu gukwirakwiza Umucyo wanyu, n'Umubatizo w'Umwuka wera, no kubw'ubuzima twabayeho, n'ibintu Imana Yakoze kugira ngo Igaragaze ko ikorera aha; kandi hamwe n'ubwenge bwabo; bagiye kure; bazacirwa imanza n'abera. Bamaze gucibwa urubanza. Bamaze kurucamo.

60 Yoo! Navuze ku mbaraga mu gusenga, imbaraga mu Ijambo, Imbaraga kubwo ubuzima bwera. Amina! Dore icyo Umwuka wera amara.

Bamwe muri mwe bagenda bavuga bati " None, sinshobora kuburyo bworoshye kureka kunywa. Sinshobora kuburyo bworoshye kureka ibi."

Umwuka wera aza gutura muri mwe kugira ngo akure muri mwe izo "Sinshobora." Nibyo ukuri. Kugira ngo Atume abagore bareka kwiyogoshesha imisatsi, kugira ngo Atume bareka kwambara amakabutura n'amapantaro. Nta rwitwazo. Kugira ngo Atume bareka amenshi n'amatiku yabo. Yoo! Nibyo, icyo ni cyo Amara, kubaho ubuzima bwera. Azakurikiza amabwiriza ya Bibiliya igihe cyose.

Umugore yavuga ati "Muby'ukuri harashyushye, ni ngombwa rwose ko nambara ibyo. Ibyo bimbabaza mu mutwe iyo ndetse imisatsi ikaba myinshi."

Nyamara nta rwitwazo ku Mwuka wera. Ari aho kubwo kubishyira mu bikorwa. Azakurikira Ijambo uko ryakabaye. Dore icyo Umwuka wera amara.

Afite gutuma, mwebwe, abagabo, mutera umugongo bariya abagore basa n'abambaye ubusa, no kureka kubaheheta, mu gihe muri abayoboke b'amatorero. Dore icyo Umwuka amara.

61 Afite umumaro wo gutuma mureka kunywa itabi no kunywa inzoga, no kuba … Kwifuza kuba umuntu ukomeye. Azakura ibyo muri wowe. Azabahindura abicisha bugufi, igihe muzakora ibyo. Dore icyo Umwuka wera amara. Atuma habaho ubuzima bwera. Ni ibyo. Azatuma mureka amatiku yanyu. Azatuma mureka gukina amakarita na dame cyangwa ibisoro, n'ibyo bintu bindi mukorera mu rwihisho.

Azatuma mureka kwitwara nk'uko mubikora, kuba uca inyuma umugore wawe. Icyo nicyo Azakora. Nibyo. Azatuma ureka kurarikira gushaka umugore wa mugenzi wawe. Ni ukuri rwose.

Dore icyo Ari cyo. Atuma mubaho ubuzima bwera. Dore icyo Imbaraga y'Umwuka wera Imara. "Atuma mwita kandi mu gakunda ibintu byo mu Ijuru, aho Imana iri mu …? …," igitekerezo cya Kristo kikaba muri mwe. Ntimubasha kwibuza kureba ibyo bintu, iyo mubirebye, murahindukira mukabitera umugongo. Ni ukuri. Atuma mubikora.

Muravuga muti "Sinshobora." Ooh! Muby'ukuri sinshobora. Ni ukuri, mwebwe, ntimwashobora.

Nyamara Umwuka wera yaje kubera ibyo. Dore icyo Yakoze. Yaje kugira ngo akure ibyo muri mwe, iyo migenzereze yose yakera n'ibyo bintu mukora.

Uko gusebanya, kubatandukanya muvuga muti " Icyubahiro kibe icy'Imana, ndi Umumetodisite, nta

kintu na kimwe mpuriyeho na bariya bayobe.” Umwuka wera yaje kugira ngo akure ibyo muri mwe.

62 “Ndi Umubatisita. Ndi Umupuresipiteriyene. Sinzajya muri kariya gatsiko k'abayobye, hariya.” Umwuka wera yaje ngo akure muri mwe uko kwiyemera. Dore icyo Yakoze. Akuhagira mu maraso. Arabagorora. Dore icyo yaje gukora.

Yaje kubagorora. Yaravuze ati “Mugorore ahadatunganye.” Dore icyo yaje gukora, gutunganya ibyo. “Gucisha bugufi ahasumba ahandi; gukora kuburyo imisozi yose isa n'ibyinira hamwe nk'imfizi z'intama ntoya, kandi ko ibibabi byose bibakomera amashyi.” [Mwenedata Branham akubita inshuro enye mu biganza bye.-N.d.E] Inyoni ziririmba binyuranye. Inzogera z'umunezero ziraranguruta. Nta rwitwazo. Dore icyo yaje gukora. Dore intego yatumye Imana yohereza Umwuka wera, kugira ngo mubashe gukora ibyo bintu, kuburyo mukora … Mugenda mu mukurikira.

63 None, sinifuza kubakomeretsa, ariko nababwiye ko ndi aha mfite ukwitwararika gukomeye. Kubwo kwirinda kuba umuntu uvuga amagambo abakoraho cyane, hato na hato, naca inkereramucyamo, ku murongo runaka ahantu runaka, mpagarara ku Kuri; mpagarara kuri ibyo, nyamara mbivuga kuburyo bitababaza cyane.

Ariko ndifuza ikintu runaka, niba Bibiliya ivuga ko ari bibi ko umugore yiyogoshesha umusatsi, kandi mukavuga ko mufite Umwuka wera, none nyuma y'uko mwiyogoshesha imisatsi , ndibaza niba mumufite. Ntimurakare; cyangwa, aho na none biragaragaza ko hari indi ngingo ibagonga (ibastinda).

64 Niba Bibiliya ivuga ko umugore ari bibi k'umugore yakwambara imyambaro y'abagabo, kandi mukaba mwambara buriya bwoko bw'amasarubeti n'amapantaro, hariya mu muhanda, mwebwe, abagore bakuze! Ndatekereza ko, ku mwana, byaba … aho, abakina n'abana b'abahungu n'ibindi. Ariko, nimwitegereze, iyo mwebwe abagore bakuze; imyaka cumi n'itanu, cumi n'itandatu, cumi n'umunani kugeza ku kigero cy'abamama bakuze, aho, mu muhanda! Kandi Bibiliya yaravuze ko “Ari ibiteye ishozi n'isesemi mu maso y'Imana,” ko umugore yambara ibyo bintu. Kandi murabyambara uko biri kose, kandi mukavuga ko mufite Umwuka wera? Kenshi na kenshi, ndibaza. Umwuka wera azakurikiza Ijambo ry'Imana uko ryakabaye.

Kndi Umubwirizabutumwa uhagarara ku ruhimbi, akaba ataragiriwe ubuntu buhagije bwo kumubwiriza, ndashidikanya ko amufite. Ni iby'ukuri rwose! Nuko, nibyo Umwuka wera amara.

65 Atanga gusigwa ku babwirizabutumwa. Atanga ukwera ku itsinda ry'abantu. Ashyira Itorero kuri gahunda. Azana ubumwe bw'Umwuka. Aduhuriza hamwe mu mbaraga. Aduhuriza hamwe mu rukundo, urukundo rwa kivandimwe.

Uwo waba uriwe wese, mwaba Abametodisite, Ababatisita, Abapuresipiteriyene, Abaruteriyane abo mwaba muri bo bose niba twarabatijwe n'Umwuka wera umwe kugira ngo tureme Umubiri, kandi tukaba twarahindutse ingingo z'uwo Mubiri waYesu Kristo. Ntihariho … ibintu by'iki gihe cyangwa ibizaza ; inzara, amapfa ; nta nakimwe kibasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana, urukundo rwa Kristo, « Urukundo rw'Imana ruri muri Kristo, »kubera ko twabyawe n'Umwuka We, twejejwe mu maraso Ye. Turi icyaremwe gishya. Dore icyo Imana yaje gukora. Nicyo Umwuka wera amara. Nibyo, mugenzi wanjye. Ni kubw'ibyo.

66 None, ncuti zanjye, nimunyitegereze neza mu maso. Ibiganza byinshi byazamuwe, kubwo kuvuga ko mwaba mufite Umwuka wera, murabona, ni ukuri, byari bihari byinshi. Ooh ! Ra,ra ! Njyewe - ngiye kuba nk'ukubita buhoro, aha. Ibi byafashwe ku mfatamajwi. Nyamara tuzareba byinshi kuri ibyo ejo kumugoroba igihe kirekire.

Niba muvuga ko mumufite, kandi mukaba muregwa ibi bintu, ndibaza ubayobora. Imana ntizabayobora na rimwe hanze y'Ijambo. Izabarindisha Ijambo, kubera ko ari amategeko bwite y'Imana ; y'Itorero Rye. Ku Bwoko bwe, areba abagore n'abagabo.

« None ,» muravuga muti « Ntacyo bitwaye gukora ibi cyangwa bibiya. » Oya! Ijambo rivuga ko ari ibyo.

Kandi niba umwuka wera ari muri mwe, azabayobora adakebakeba ku Ijambo. Ntihazabaho urwitwazo. Imana ntizana impinduka cyangwa inzitwazo. Ishyiraho itegeko nuko mukarijya inyuma (kubwo kurikurikiza). Ni byo. Ni uko bimeze kuri buri wese. Muza kuburyo bumwe.

Petero yaravuze, ati “ Nimwihane, buri wese muri mwe, mubatizwe, buri wese muri mwe, mu izina rya Yesu Kristo kubwo kubabarirwa ibyaha byanyu, hanyuma muzahabwa impano y'Umwuka wera.” Murabona? Nibyo. Tugomba kujya inyuma y'ibyo.

67 None, sinifuza kubakomeretsa, ndabakunda cyane. Ariko, mwenedata, ese mubona ko … ko nziko nzagomba guhagarara, mu minsi ya nyuma, muri uwo muzuko, hamwe ni iki gisekuru cy'abantu, kubwo gusubiza iri Jambo? Kandi Umwuka wera agaragaza ibi, kandi nanjye ndamubwiriza aho hanze, ese ni hehe mugiye guhagarara? Ni buryo ki mugiye kuzabisohokamo? Nti mwabasha kubikora, nshuti yanjye. Nti mubikore . None, ni mureke ibyo. Ibyo mwakora bidatunganye mubihagarike. Muravuga, muti

"Sinshobora." Icyo gihe, ntimuba mufite na none muri mwe Ushoboye . Iyo Umwuka wera, Aguha imbaraga kuby'isi kandi niba mwebwe … Ni mwumve icyo yavuze, ati "Niba mukunda isi cyangwa ibintu by'isi, ni uko urukundo rw'Imana rutari muri mwe." None, nta rwitwazo ruhari. Abivuga kumugaragaro, nuko tugomba kubijya inyuma (kubwo kubikurikiza).

Nziko mumbona nk'uteye ubwoba, nyamara, gusa ni uko nujujwe kuburyo buteye ubwoba, muri aka kanya. Murabona? Nimwumve. Ni ukuri.

68 None ni mubijye inyuma mwenedata, mushiki wanjye. Ntimureke bimwe mu bigo by'ubuhanga, uhereye impande zose, bababwira, bati " Yoo! Biriya, ni iby'abatamutwe b'injiji zikuze." Niba ari iby'abatamutwe b'injiji zikuze, icyo gihe Imana ni umutamutwe w'injiji ikuze. Kandi niba Imana ari umutamutwe w'injiji ikuze, icyo gihe nanjye niko ndi na none. Amina! Ndifuza kuba nka We. Kubera iki? Umwuka We ari muri njye, agira inzara n'inyota, yita ikinyuranye n'Ijambo ry'Imana …

Niba abantu bavuga, bati "Nta kintu na kimwe bitwaye gukora ibi, yoo! Umuntu aramutse akinye amakarita kubwo kwikinira, kandi agakina gusa ku giceri kimwe cyangwa bibiri by'amafaranga magana atanu. Ibyo nta kibi bitwaye." Imana ivuga ko niba … "Yoo! Unyweye gusa akarahure mu ruhame, nuko ukiyumanganya buhoro, rimwe na rimwe." Nyamara Imana yaravuze, iti " Azabona ishyano."

"Yoo!" Muravuga, muti "Ntacyo bitwaye, mwenedata Branham. Njyewe - njye - niyogoshesha imisatsi kubw'impamvu yumvikana. Umudamu, murabizi, abadamu bose barabikora." Uko byakorwa kose n'abandi badamu. Nabwo ari rwo rugero rwawe, cyangwa ntabwo bo ari icyitegererezo iwanyu. Niba mufite Umwuka wera muri mwe, muzakurikiza amabwiriza Ye, ibyo abantu bavuga byose.

"None, mwenedata Branham, harashyushye cyane, kandi birakwiriye muby'ukuri ko nambara utu na turiya twambaro tugufi, aho." Umuriro utazima (umuriro w'abagomye) ushyushye kurenza ibyo, mushiki wanjye mukundwa. Ndabibabwiye. Kandi - kandi nti Mwibuke ibyo.

69 Nuko Umwuka wera azabayobora buri gihe cyose ku Kuri, kandi Ukuri Kwe ni Ijambo. "Ijambo ryose ry'umuntu ribe ikinyoma, ariko Iryanjye ribe ukuri."

Nuko nimutekereze kuri ibi gusa "Igiteye ishozi n'isesemi." Ese murabasha gutekereza?

Ni Ijambo rishishana kurivuga ku mubwirizabutumwa, nyamara nagiye mu bwiherero bw'ahantu hamwe na hamwe, aho byari muby'ukuri … Wumvaga wagasohotse, byari bikabije … Kandi n'ibintu by'umwanda ku nkuta. Naribwiye, nti "Bishoboka bite ko abantu baba kuri uru rwego rwo hasi?" Kandi umunuko! Nuko mu kwinjira aho hantu, naribwiye kenshi nti "Mbega umunuko!" Njyewe … Aho imbere, nifataga ku mazuru gutya, kubwo gukaraba. Nabaga mfite ubwoba ko, igihe nakora ku gifunga cy'ingufuri y'urugi, haba hari za mikorobi zanduza indwara zandurira mu mibonano n'ibindi. Kandi naribwiraga nti "Yoo!"

Umunsi nari ndi ku kibuga cy'indege, nuko ninjiye hamwe muri aho hantu, cyangwa aho bategera imodoka, nuko ninjiye aho hantu mo imbere. Nuko naribwiye, nti "Yoo! Bakwiriye kugirirwa imbabazi!"

Kandi ikintu cyarambwiye , kiti "Dore uko umunuko uba umeze, ku Mana. Ni ibiteye ishozi n'isesemi!"

70 Nibwiye ko igihe mbonye umudamu agenda mu nzira, yitotobetse atya, kandi yambaye imyambaro y'umugabo, ari uko biba bimeze, ku Mana. Ni ibiteye ishozi n'isesemi, ikintu gishishana kandi kinuka, imbere y'Imana. Nyamara, azajya ku rusengero kucyumweru, yitatse hose. Umugabo azigendera anyuze aho, kandi azajya kunywa(inzoga), azanagenda ariganye, anakunde amafaranga, anariganye umuturanyi we, n'ibindi, kugirango agire amafaranga menshi, no gukora ibyo bintu, no gukina urusimbi, no kunywa itabi, no kunywa inzoga, no kubeshya; Kandi hanyuma akajya ku rusengero no guhamya. Biteye ishozi n'isesemi! Umwanda! Ibyo, n'itorero rya gihanga.

Baravuga, bati "None, ndi umuyoboke w'Itorero," nibyo, kandi ni ngombwa guha Iteraniro kimwe cya kane cy'isaha, kimwe cya kane cy'isaha, kugira ngo abadiyakoni n'abandi bose babashe gusohoka batekere cyangwa bakongeze agatabi, n'umushumba na we ni uko, mbere yo kubasha gusubiramo ngo bakore iteraniro. Ngaho ni mumbwire rero! Nimwitandukanye n'icyo ari cyo cyose gihumanya! "Nimwanduze umubiri; Nzawurimbura." Imana Yavuze ko Yabikora.

71 Kandi muri iki gihe, kubwa kanseri, ni mirongo icyenda irenga ku ijana ya abapfa, bicwa na kanseri y'umuhogo n'ibihaha, iterwa n'itabi. "Nimwanduze umubiri; Nzawurimbura." Nyamara bari mu rugendo hafi bagana mu irimbukiro, bakomeje iyo ngendo, ntibabizi. Kandi ku ruhimbi, hari Umubwirizabutumwa ufite impamyabumenyi enye za kaminuza, kandi anywa itabi, nawe ubwe. Ngiye kubabwira ikintu, mwenedata. Umwuka wera yoherejwe guhamagarira abagabo n'abagore gusohoka muri ibyo. Mwitandukanye! Ijambo Itorero rishaka kuvuga "uwatandukanijwe," "Ni musohoke hagati yabo," Bibiliya niko ivuga. "Ntimukore kugihumanya, kandi nzabakira, kandi muzambera abahungu n'abakobwa, nuko nzaba Imana yanyu." Ooh! Ra, ra! Sinifuza kuba umugome, ahubwo ndifuza kuba imfura no kuvugisha ukuri. Nibyo, mugenzi wanjye. Yoo! Mbega ukuntu biteye agahinda!

72 Abagabo n'abagore, ese duhagaze hehe muri iki gihe? Ese turi he? Duhagarare.

Undi mugoroba, nicaye mu ntebe aho mu cyumba cy'uruganiriro (kandi ngomba gusoza) ubwoko bw'intebe y'imifariso. Nyuma yo gusenga igihe cy'iminsi itatu cyangwa ine, aho, nageze ahantu, ndebesheje amaso hirya no hino, kandi ntekereza: "Yoo! Mana," kandi nageze aho ntabashaga kumenya icyo gukora. Naravuze, nti "Yoo! Mana, turi ku iherezo ry'urugendo. Kandi nsanze ko nagize intege nke. Nagize abantu nagombaga gusura, kandi nari nananiwe, nuko sinifuzaga kubikora." Aho byambereye nk'aho narebaga Umwami wanjye wazaga asitara mu mwijima, aho, igihe yari ananiwe bikabije kuburyo yashoboraga gusa gutera agatambwe bigoye, ariko ntiyari ku buryo bukabije … Yarahagaze kubw'umugore w'i Nayini, na none kubw'umuhungu bari bazanye, wari wapfuye, kuburyo yagiye gukora ku isanduka, no gukoresha imbaraga yari afite kubwo kuzura uwo muhungu. "None, byakumvikana bite ko nananiwe? Ese ni iki kitagenda neza muri njye, Mwami? Dore uko nibwira "None ndakuze. Njyewe - simbasha kubikora."

73 Mose yari aho, Imana imwe niyo nkorera, Yahagaze aho, ku kigero cy'imyaka ijana na makumyabiri.

Kalebu yari aho, yarahagaze, ku kigero cy'imyaka mirongo icyenda, n'inkota mu kiganza, kndi yaravuze, ati "Yosuwa yafashe iyi nkota mu kiganza, hashize imyaka mirongo ine." Aho, yarafite mirongo inani. Yaravuze, ati "Ndacyari umugabo ushoboye uyu munsi kimwe na kera." Amina!

Naravuze, nti "Mana, ngirira imbabazi." Naravuze, nti "None, umva, ndacyarimo …" Nuko nafashe umudamu wanjye aho, inyuma mufashe mu kiganza, hejuru y'iyi Bibiliya no hejuru y'iye ntoya, nuko naravuze, nti « Mukundwa, nabaye umunyamugayo cyane. Umwuka wera arancira urubanza muri njye. » Naravuze, nti « Nongeye gutekereza kuri zirya nkima hariya. Nongeye gutekereza kuri Hattie Wright hariya, no kutwana tw'uduhungu. Nongeye gutekereza kubyo Imana Yakoze, kubwo kugaragaza ko yari Imana, yabashaga kurema." Haleluya! Naribwiye nti "Yambwiye ibyo, hashize imyaka, Iti ' Sinzakureka. Sinzaguhana na rimwe. Nta muntu uza guhangara, iminsi yose y'ubuzima bwawe. Nzabana na we. Kandi uhere kuri iki kiganza cy'uburondozi, bizageza ubwo uzamenya ibanga ryo mu mutima. Hanyuma, bizarushaho kuzamuka hejuru.' Umwaka wakurikiyeho, byabaye bityo neza neza, mu isi hose. Dore ibi byarasohoye, ubundi bukozi bufite ikuzo bwari buburenze kure." Naravuze, nti "Mukundwa, ngufatishije ikiganza. Kubwo ubufasha bw'Imana no kubw'Ubuntu bw'Imana, sinzongera na rimwe kuba umuntu w'umugayo. Ko najya mbere ngana ubu bubyutse, kubwo kubwiriza birenze cyane mbere, Ko aha ngiye mbere na mbere gutangira kwiyeza kugirango mfungurire inzira abantu; ko ibyaha byanjye bwite, ko kutita ku bintu kwanjye bwite kuba munsi y'amaraso, kuburyo nabasha kugenda no kuvuga, nti "Ni munkurikire, nshuti." Ni byo. Mfite isoni zo kubona umuntu avuga ati "Wowe, genda ubikore." Nkunda kubona umuntu utanga urugero. Nibyo, mugenzi wanjye.

74 Aha, hashize igihe gito, habaye inkongi y'umuriro mu mugi, aha, umuriro wari wafashe Pfau Oil Company. Bari bohereje ishami ry'abazimyamuriro b'i Jeffersonville aho. Nuko umwe mu nshuti zanjye, umugabo mwiza, utari ufite akamenyero ku nkongi y'umuriro ikomeye nk'iyo, yaragendaga, aho, avuga, ati « Ni mwohereze amazi make munyujije aha. Ni musenye iri dirishya. Ni mwohereze amazi make hariya. »

Ariko, dore abazimyamuriro batojwe bihagije bari baje baturutse i Louisville, hakurya y'umugezi. Igifashi kiramira abatabazi kinini n'urwego byari bimaze kuhashyirwa kuburyo uyoboye yari yamaze kugera kungazi ya nyuma y'urwego. Igihe bazamuraga urwego, yari ari ku mutwe warwo. Yanaze ishoka ye mbere yo kugera aho. Nuko yashenye idirishya, yaravuze, ati « Muze, basha ! » Nibyo umuriro warazimye mu minota mike.

Ntabwo ari « Nimwohereze amazi make hano. Nimwohereze amazi make hariya." Ibyo bituma ntekereza kuri bari babwirizabutumwa bamwe b'abanyabwenge.

Ni muze hamwe nanjye! Tujyane yo! Nziko ari ukuri. Narasogongeye kandi ndabona. Icyubahiro kibe icy'Imana ! Umwuka wera afite ukuri. Imana ni nziza. Ntabwo ari ukugerageza aha, kugerageza hariya ; Twinjire muri We ! Ari hano. Ni kubwanyu. Imana yahaye Imabaraga Yayo Itorero ryayo. Ntabwo ari ukumwohereza anyuze aha, kandi ngo amwohereze ; ntacyo mwazageraho na rimwe. Nimugende ku isonga. Amina Sindeberamo ndetse namba.

Amina! Ese ni iki tugiye gukora?

75 Buri muntu wese wicaye aha yujujwe ikintu runaka.

Hanyuma ndaza gusoza ; birashoboka ko nza gusabwa kubikora ; nyuma yabyo.

Mwujujwe ikintu runaka. Ntimubasha kuba mwicaye aho mutujujwe ikintu runaka. Mufite ubuzima muri mwe. Ubwo buzima burabayobora, kandi ubwo buzima buyobowe n'Umwuka.

None, mubasha kuba mwuzuye isi, mukunda isi cyangwa ibntu byo mu isi. I mana ibe inyembabazi kuri mwe.

Mubasha kuba mwuzuye inyigisho z'idini, z'amwe mu masengesho magufi, ayo musubiramo, muratekereza ko bizaba ugusenga uwapfuye, cyangwa - cyangwa gukora ikintu cy'ikimenyetso kuri mwe.

Kandi mubasha kuba mwuzuye idini, kandi ibyo, nibibi cyane na none. Ni ukuri. Bibiliya yaravuze, iti « Mu minsi ya nyuma, bazaba ari abanye dini cyane, bafite ishusho yo kwera ; bafite ishusho yo kwera, nyamara bahakana imbaraga zako. Abo ujye ubatera umugongo. »

Niba mwuzuye idini, muri abanyabyago, idini, nta kindi kirenzeho. Niba mwuzuye inyigisho z'abantu, ntimuzi ibyo muvuga. Niba mwuzuye isi muri impumyi.

Hanyuma na none, mubasha kuba mwuzuye umwuka wera. Amina! Ndizera ko ariko mumeze. Kandi niba atari ko muri, ndizera ko mugiye kuzuzwa. Kandi niba mwuzuye Umwuka wera, ese ni iki mufite? Mufite Imbaraga. Mufite urukundo. Mufite amahoro. « Nzabaha amahoro Yanjye ; Simbaha nk'uko isi itanga. » Mufite amahoro. Mwashyizweho Ikimenyetso cy'umusozo (kashe), mufite ikimenyetso. Amina ! Mufite uburuhukiro. Mufite Umunezero udatuza utangaje. Murashikamye. Ooh! Ra, ra! Dore icyo muri cyo, mufite Umwuka wera. Mufite … Niba mwarujujwe Umwuka wera, « Mwavuye mu rupfu, mujya mu Bugingo ,» mutegereje umuzuko rusange ku munsi wa nyuma.

76 Mu isi izaza, binyuze muri Yesu Kristo Umwami wacu, kandi wabonetse aza mu cyubahiro n'ikuzo, « Inyanja izagarura abapfuye bo muri yo. » Imibiri ibora y'abasinziriye muri We iza …

« Gusinzirira muri We. » Ni buryo ki twinjira muri We ? "Twese twabatirijwe mu Mwuka umwe, kubwo kurema Umubiri umwe."

"Imibiri ibora y'abasinziriye muri We izahindurwa kandi ise n'umubiri w'Ubwiza Bwe, akoresheje ubushobozi Afite ibintu byose bicira bugufi."

"Numvise ijwi riva mu Ijuru," Yesu niko Yavuze, "Ryaravugaga, riti 'Andika,' uti 'Hahirwa abapfa bapfira mu Mwami …' " Ese ni buryo ki mugiye kwinjira? "Kubwo Umwuka umwe twarabatijwe kugira ngo tureme Umubiri." [Mwenedata Branham akubita rimwe mu biganza bye. - N.D.E] " … abapfira mu Mwami uhereye ubu; kuko baruhuka imihate yabo; kandi imirimo yabo irabakurikira." Yoo!

Dore impamvu Yohereje Umwuka wera. Yoo! Ubwishingizi buhawe umugisha, Yesu ni ubwanjye! Ndi muri We, na We ari muri njye; Data muri We, na We muri Data; na Data muri njye, nanjye muri We.

Yesu ni ubwanjye!

Yoo, mbega umusogongero w'ikuzo ry'Imana!

Ndi umuragwa w'agakiza, karontswe n'Imana,

Nabyawe n'Umwuka We, igihe nuhagiwe mu Maraso Ye.

Amina! Ibyo sinabigurana. Ooh! Ra, ra!

Imaragarita na diyama, izahabu n'ifeza,

Ububiko Bwe buruzuye, afite ubutunzi budashira.

Kuko ndi Umwana w'Umwami !

Ndi Umwana w'Umwami !

Hamwe na Yesu umukiza wanjye,

Umpindura Umwana w'Umwami!

Amina kandi Amina! Sinahara ibyo. Sinahara ibyo. Mfite ibindi bi … Bibiri cyangwa bitatu.

Na none, dore ikindi gice cy'Ibyanditswe. Igihe - igihe mwuzuye Umwuka wera, dore icyo muba mufite. None, kubwo isi muri iki ? Umwimukira. Nziko bitinze ariko ntabwo bitinze cyane kubw'ibi. [Mwenedata Branham akubita incuro imwe mu biganza bye.-N.D.E] Umwimukira ! Yoo !

Turi abagenzi n'abimukira ino,

Turashaka umudugudu uzaza,

Ubwato bw'ubutabazi buri bugufi kuza,

Guteraniriza hamwe abakunzi Be imuhira.

77 Ndumva umuvumba w'amazi, hariya ku mugezi Ohiyo, igihe nari nkiri Umubwirizabutumwa muto, ufite hafi imyaka makumyabiri n'ibiri, uko naririmbaga ibyo hariya. Nuko numvise, nitegereza hejuru yanjye,

nuko numva ijwi rigira riti "Ubura amaso." Haboneka uriya Mucyo ukomeye uraza, uhagarara neza hariya, niwo wamanutse kuri njye, kandi waravuze, uti "Nkuko Yohana Umubatiza yoherejwe nk'integuza y'Ukuza kwa mbere kwa Kristo, uzabona Ubutumwa buzaba integuza y'Ukuza kwa kabiri kwa Kristo."

Yoo! Ni buryo ki nashoboraga kubyizera? Nyamara, byarabaye uko biri kose. None kuri uyu mugoroba, ibibatsi by'ububyutse biraka hirya no hino ku isi. Itorero ry'Ikuzo ry'Imana ryacunguwe ryarahagurutse kugira ngo risohoke aho, hamwe n'amateraniro akomeye yo gukiza uburwayi n'ibimenyetso n'ibintu bikomeye, n'ibitangaza bigaragaza Ukuza.

78 Muri abantu b'ahandi hantu, kandi muri abimukira. Mukora ibintu bidasanzwe, bitandukanye n'ibyo mwakoraga mbere. Ntabwo mugikora nkuko mwakoraga mbere. Abantu … Umwuka wera, iyo Aje kuri mwe, kandi mukuzura Umwuka wera, musuzugura ibintu by'isi. Muhinyura ibintu byababuza kujya mbere. Ibyo murabisuzugura. Icyo gihe, muhinduka i - ikiremwa gikora kuburyo budasanzwe kandi bwibazwaho, icyana cy'igishuhe cy'imbura mumaro, kuri bo ; Umwana w'ikizu waturagiwe mu cyare cy'inkoko, nk'uko nabwirije ; kandi iyo ikizu gikanguye icyari (imishwi) cyacyo. Kuri bo, muri ikiremwa kidasobanutse. Nyamara, ooh ! Ra,ra ! Murazamuka inzira y'Umwami ! Amina ! Yoo ! Ni inzira igana mu Ijuru. Nuko ndazamuka inzira y'Umwami.

Baravuga, bati « Nimwitegereze uriya muyobe, icyi cyana cy'igishuhe cy'imbura mumaro. Nguwo uriya mubwirizabutumwa wayobye. »

79 Umubwirizabutumwa w'Umumetodisite w'ikirangirire yabwiye umuntu muri iki gihe, i Louisville, Yavuze, ati « Nifuzaga gufasha mwenedata Billy, ariko muzi icyo nakora ? Byasaba ko nivuguruza » Ntibikenewe ko mwakwivuguruza kubwanjye.

We Yahakanye ubuzima Bwe kubwanjye. Amina ! … ! … Turazamuka inzira y'Umwami, ni ibyo. Ooh ! Ra,ra ! Twuzuye Umwuka wera ! Twabyawe n'Umwuka We ! Twejejwe n'Amaraso Ye ! Haleluya ! Ni umunezero.

Kandi na none ikindi kintu, kubera iki, ni iki gituma mukora ibyo ? Muracyari ikiremwa muntu, ariko ni iki kibatera kubikoresha ? Ni uko muza, mwebwe, Umwuka wanyu Uturuka mu Ijuru. Ni Imana muri mwe.

80 Igihe nagiye i Roma, nasanze ko bari bafite bose, umwuka wa kiroma. Igihe nagiye mu Bugiriki, bari bafite umwuka wa kigiriki. Nagiye mu Bwongereza, bari bafite bose umwuka w'Abongereza. Iyo mugiye ahantu hatandukanye, musanga … Kandi na none mubona umwuka wa kinyamerika ; birababaje !

Igihe najyaga mu irimbi ry'imva z'abahowe Imana rya Mutagatifu Ange i Roma, bari baramanitse icyapa, aho, kigira, kiti « Abanyamerikakazi, musabwe kwambara, kubwo guha ikuzo abapfuye. » Umwuka wa kinyamerika.

Nimubitegereze bamanuka mu ndege, na turiya twambaro tugufi bambaye, kandi buri wese atangira kubitegereza, none dore Nyampinga w'Amerika araserutse. Ni umwuka wa kinyamerika. Murabona aho aturuka ; yitatse hose, nshuti zanjye, afite imbwa akurubana. Ni ibyo. Yoo ! Nibyo, ni … We, ni ishusho y'Amerika (ni Amerika), Nyampinga w'Amerika ; aratambuka, murabizi, yirunga, gutya. Kubera iki ? Afite umwuka wa kinyamerika. [Mwenedata Branham akubita incuro esheshatu ku uruhimbi. - N.D.E] Nyama Yesu Yaravuze, Yamaganye ibyo urya munsi, Yaravuze, ati « Muri ab'iyi si yo hasi. Njyewe ndi uwo hejuru mu Ijuru. »

Kandi niba mufite Umwuka wa Kristo muri mwe, muri abo hejuru mu Ijuru, icyo gihe uri umwimukira hano.

81 Ariko mufite kamere y'aho muturuka. Dore icyo ngerageza kuvuga. Umuroma uje ino, yishima mu mutwe, kandi Umudage uje ino; Umunyamerika ujya iyo. Kubera iki mufite umwuka w'ibyo bihugu muturukamo.

Icyo nicyo gituma tuba abantu batandukanye cyane n'si. Muri abo hejuru mu Ijuru. Mwaravutse. Muri - muri abaturage b'ubundi Bwami. Murabyizera? [Iteraniro riravuga, riti "Amina!" - N.D.E] Dore icyo Umwuka wera amara, guhindura umuturage w'Ubwami bw'Imana.

None, niba uri umuturage w'Ubwami bw'Imana ni gute atuma ukora? Nk'uko Yesu Abikora mu Bwami bwe. None, ni iki Imana Ikora mu Bwami Bwayo? Ni ukwera, gukiranuka, intekerezo zera, umwuka uzira ubwandu, imbaraga n'urukundo, rwo kujya kubazimiye, rwo gukiza abarwayi, rwo gukora ibitangaza, rwo gukora imirimo ikomeye. Icyo gihe ku bisi, muba mumeze nk'umusazi, kandi baravuga, bati "Bariya bataye umutwe." Murabona? Nyamara uri umuturage w'Ubwami.

82 Na none igice cy'Ibyanditswe, niba mwifuza kucyandika, Yohana 12:24. Ngiye kuwubabwira nihuta. Yesu Yaravuze, ati "… Iyo impeke y'ingano … Iguye mu butaka … Iyo idapfuye, ntishobora kwera indi ifite ubuzima …

None, nimwitegereza, ikitonderwa cya nyuma, aho. Kandi nimwibuke, none, ni ibidashidikanywaho …

Aho, kuri mwebwe bandi, ni ingenzi rwose kandi birakwiriye, kandi n'ibyangombwa ni itegeko ko mwakira Umwuka wera ubu. Kubw'ibyo, niba mutamwakiriye, ntimubasha kuzaza mu Izamurwa. None nimwitegereze neza. Imana ntibasha kwica amategeko Yayo. Ibyo, turabizi. Ikurikira amategeko Yayo.

None, i - imbuto y'ingano, cyangwa impeke, tuvuge nk'uko Yesu Yavuze, aho. Nibyo rwose, i - impeke, muri Bibiliya maze kubisoma uyu munsi, ibyo bimeze kimwe n'uburo cyangwa indi mbuto yose, ikigori, ingano,ubundi bwoko bw'ingano, ingano zo mu Buhinde cyangwa ikindi cyose, ni impeke. Ariko iyo impeke y'ingano iguye mu butaka, noneho, hari … Buri wese muri twe aha yabonye, aziko ibyo bibaho. Impeke y'ingano cyangwa impeke y'ikigori, ishobora kugira isura nziza uko bishoboka kose, kandi mwayishyira mu butaka, nuko niba iyo mpeke …

Iba ifite ubuzima bw'ibihe byose. Izamanuka uyu munsi, izerera mu nganagano; kandi izongera kumanuka, kandi izongera kumanuka. Ni ubuzima bw'ibihe byose.

Niba iyo mpeke idafite umumere w'ubuzima muri yo, uko yaba ifite isura nziza kose, ntizazuka na rimwe. Izajya mu butaka kandi izabora, nuko ni ibyo gusa. Igice cyayo, ibikigize, bibasha kugira umumaro wo gufumbira n'ibindi, mu butaka. Ariko, ibyerekeye kongera kugira ubuzima igihe runaka, ntizabaho na rimwe, keretse kugira ubuzima bw'ibihe byose muri yo. Uwo ariwe wese azi ibyo. Ntimubibasha gusa rwose.

83 Hashobora kubaho abantu babiri, umwe neza neza, bombi bameze kimwe rwose. Umwe abasha kuba ari umuntu mwiza, ashobora kuba akora imirimo myiza, ashobora kuba akora n'ibindi byose; nyamara niba uwo muntu adafite Ubugingo buhiraho muri we, ntazazuka na rimwe mu Muzuko. Ntiyashobora kubikora, nta na kimwe kiri aho kibasha kuzura. Nta na kimwe kiri aho cyabasha kumuhagurutsa, nta buzima buhari. None, murabona, mwenedata mukundwa, mushiki wanjye mukundwa niba umuntu atavutse ubwa kabiri, ntiyabasha namba kugaruka muri buriya Bwami. Ntiyabibasha. "Niba iyo mpeke y'ingano itaguye mu butaka kandi ngo ipfe." Yavugaga kuri We ubwe. Nyamara yari afite, si ubuzima bw'ibihe byose , Yari afite Ubugingo buhoraho; kandi ubwo Bugingo, Yarabubahaye, kugira ngo mugire ubwo Bugingo bumwe.

None, niba mufite gusa ubuzima bwa kimuntu, butuma mugenda no kurarikira; "Ubaho mu kwifuza aba apfuye, n'ubwo ari muzima," ntimuzabasha kuzuka. Ubasha kuba umukobwa w'icyamamare ku ishuri. Ubasha kuba umukobwa w'icyamamare mu ishyirahamwe ryanyu. Ubasha kuba umudamu uhebuje mu myambarire mu gihugu. Ubasha kuba mwiza by'ihogoza. Ubasha kuba uteye neza. Ubasha kuba akamana k'umugabo wawe. Ubasha kuba ibyo bintu byose, uhebuje. Nyamara mushiki wanjye, usibye kuba ufite Umwuka wera muri wowe, Ariwe Bugingo buhoraho, ku iherezo ry'uru rugendo,uzaba urangiye.

Kandi uko waba usa kose cyangwa uko ibyo bintu byaba bimeze, cyangwa uko waba uri intamenyekana cyangwa ikimenywa bose, uko waba mwiza cyangwa mubi ku isura; niba ufite Ubugingo buhoraho, aho ngaho muzabaho ibihe n'ibihe.

84 Igihe ukwezi n'inyenyeri bitazaboneka, kandi isi ikazaba isuka amarira kugeza mu misozi n'ubutayu, kandi buri kintu kikazaba gifite - gifite, ntibizongera kubaho ukundi; kandi igihe isi izadandabirana nk'umusinzi utaha iwe kumugoroba, kandi igihe inyenyeri zizanga kumurika , kandi zikazagwa ziva mu Ijuru, kandi igihe ukwezi kuzahinduka amaraso; ni igihe izuba rizatontoma kandi rigahisha mu maso haryo, igihe bazabona Umwana w'umuntu aje. Muzarabagiranira mu gukiranuka kwa Yesu Kristo, kugira ngo musohoke mu mva nk'ihogoza ry'umugore muto; kugira ngo mufate umukunzi wanyu, no kugira ngo mubeho ibihe n'ibihe, kandi kumara ibihe byose iteka n'iteka muzabaho na none. Dore icyo Umwuka wera amara. Ntiba mwumva ikintu gito gikurura, ntimumwigizeyo.

85 Ese Umwuka wera ni iki? Imana muri mwe. Ese Amaze iki? Akomeza igikorwa Cye mu Bwoko Bwe; Ateraniriza hamwe Itorero rye, agarura Itorero mu mwanya uyu munsi, kurenza cyane Abaluteriyane, Abametodisite n'Abapantekote; mu mwanya kubwo guhabwa ububasha bwo kuba abaragwa no kugirirwa ubuntu bw'Izamurwa. Ko igihe iki gice cy'Itorero, igihe Umwuka Azinjira muri iri Torero aha, rizazuka; kandi rigiye gusohora abacunguwe bose, bakiriye Umwuka . Abo Baruteriyane bahagaze hariya, hamwe n'icyo bari bafite nk'umucyo, mu gutsindishirizwa; aba Bametodisite bituraga hasi, kandi bakabasuka amazi mu maso, ubwo Umwuka wabafataga mu kwezwa; abo Bapantekote, bagendaga banyuranamo mu muhanda, kandi babitaga "Abanyendimi zihimbwe" n'abavuga indimi z'ibitambambuga" N' "abanyendimi z'igishuhe cyangwa imbata," kandi ibyo byose; bazahagarara mu gukiranuka, mu maso y'Imana uwo munsi, nk'uko ari ukuri ko iyi Bibiliya iri hano. Niba mwizera ko ndi umugaragu … Munyita Umuhanuzi wa Yo; ntabwo ari izina niha. Ahubwo, nimwumve, ndababwira mu izina ry'Umwami. Abari muri Kristo, Imana Izabazanana na We, mu kuza kwe, mu Muzuko, kandi gusa abari muri Kristo.

86 Ese ni buryo ki twinjira muri Kristo, nshuti zanjye?

Kubw'inyigisho y'umuntu imwe, twese twinjiye, kubwo kuyoboka? Oya. Twese twinjiye, dukuruwe n'agapfunsi kamwe k'ikiganza? Oya. Twese twarinjiye, kubw'Umubatizo wo mumazi amwe? Oya. Cyangwa kubwo idini rimwe, twese twinjiye kubw'idini? Oya.

Ahubwo, kubwo I Abakorinto 12:13 "Kubw'Umwuka umwe; Umwuka wera, Umwuka w'Imana, twese twa …" Abametodisite Ababatisita, Abaluteriyane, Abapuresipiteriyene, " Tugenda mu mucyo, nk'uko Ari mu Mucyo, turi mu busabane hagati yacu, kandi Amaraso ya Yesu Kristo, Umwana w'Imana, Atwezaho igicumuro cyose." "Mu mwuka umwe, twese nimwo twabatirijwe, kugira ngo tureme Umubiri umwe, kandi twahinduwe abafatanya n'ubuntu Bwe."

87 Ntimubasha kujya mu rubanza. "Uwumva amagambo yanjye, kandi akizera." Ntawubasha kwizera mbere yo kubona Umwuka wera. "Kandi uwizera Uwantumye," Igihe Umwuka wera yahamije Umuzuko We. "Afite Ubugingo buhoraho, kandi ntazaza na hato mu rubanza, ahubwo aba avuye mu rupfu agiye mu Bugingo." Iki? Ntabwo muzatwarwa na rimwe mu rubanza. Ntabwo muzahagarara na rimwe mu Ntebe Yera kubwo gucirwa urubanza.

Mucirwa urubanza aha rero. Mwaciye mu rubanza rwanyu igihe mwanyuze kandi mukavuga muti "Ntacyo ndi cyo, kandi ibyo nize cyangwa nabwiwe ntagaciro na gake bifite. Mwami, Injira muri njye, kandi Umfate, nuko Unyobore, Mwami. Ibyo ari byo byose byavugwa n'iyi si y'urupfu. Nyoboza, Mwami Umwuka Wawe." Icyo gihe, mwaciye mu rubanza. Mwicira urubanza ubwanyu ko uri umusazi kubwa Kristo, nuko mu gukiranuka kwe, uwo munsi, tuzahagarara ubudapfa, dusa na We.

88 Uburyo bumwe. Ku buhe buryo? " Kubwo Umwuka umwe, twese twarabatijwe kugira ngo tureme Umubiri umwe. Nuko igihe muri mur'uwo Mubiri, uwo Mubiri wamaze gucirwa urubanza, kandi mwamwemeye nk'igitambo cy'impongano y'icyaha cyanyu. Muravuga, muti "Nakoze ibyo mwenedata Branham."

Icyo gihe, niba Umwuka wera yaraje, kandi akabaha ikimenyetso cy'umusozo (kashe) nk'ikimenyetso, uwo Mwuka akwinjiza mu Mubiri wa Kristo. Murahindukira, none, muri icyaremwe gishya muri Kristo Yesu. "Mwavuye mu rupfu mujya mu Bugingo. Ibintu bya kera byarashize, nuko muri bashya muri Kristo." Amina!

Yoo! Ndabinginze, ni mundeke mbahamirize, mushiki wanjye cyangwa mwenedata b'Abakristu. Ntimureke ubu bubyutse bubanyuraho. Mugomba kwakira Umwuka wera. Ese ni iki? Umwuka w'Imana. Umaze iki? Urabayobora, ukabafata ikiganza, ukabuzuza, ukabeza, ukabahamagarira gusohoka, kugira ngo mwinjire mu Itorero.

Ese Itorero ni iki? Ijambo Itorero rishaka kuvuga iki? "Abahamagariwe gusohoka, batandukanijwe." Yoo! Mbega uburyo nabashaga gukura ndetse ikibwirizwa muri ibyo muri aka kanya! "Abahamagariwe gusohoka, abatandukanyijwe," abimukira, abashyizwe kure y'isi, abagenzi bahamya ko badafite namba aha umudugudu w'isi aho bakwifuza gutura. Yoo! Mbega!

89 N'uko Aburahamu, na Isaka, na Yakobo babayeho, batura mu mahema mu gihugu. Bahamije ko bari abagenzi n'abimukira, imbuto y'umuragwa, umuragwa hariya; Data, umuragwa. Turi imbuto zibakomokaho. "Kandi bashakaga Umudugudu wateguwe kandi ukubakwa n'Imana." Amina! Barashakashakaga.

Nuko muri iki gihe, imbuto yabo ishaka igihe cyose Umudugudu uzaza, ivuga iti "Sinifuza kwihuza n'iyi si. Sinifuza kugira ikintu na kimwe mpuriraho n'iyi si. Ndifuza, ntegereje Umudugudu wubatswe wa mpande enye zireshya. Ntegereje Umudugudu ufite Ubugingo buhoraho, aho izuba ritarenga na rimwe, ahatazaba na rimwe ugusaza, ahatazaba na rimwe akavungukira k'umugati w'amagi kirabura ku gifunga cy'ingufuri y'urugi, cyangwa imva mu rubavu rw'umusozi. Ntegereje uwo Mudugudu, uwawuteguye n'uwawubatse, ari Imana.

90 Hari uburyo bumwe gusa bwo kuwubona. "Hari Ibuye ryarimbutse ku musozi ntaruhare na rumwe rw'ikiganza cy'umuntu, ryaramanutse kugira ngo ryikubite mu isi kandi riyisandaze, nuko yahindutse nk'ingano … Cyanga nk'ibishishwa ku mbuga." Ko iryo Buye, uwo Yesu Kristo; iryo Buye risitaza ku bisi, Ibuye rigusha , Ibuye ry'ubushukanyi, Ibuye risitaza ku Itorero; nyamara ibuye ry'igiciro kinini, Ibuye rikurura ku wizera, Ibuye ry'ubwishingikizi, Ibuye ry'uburuhukiro. Ooh! Ra,ra!

Mu buruhukiro! Nziko navuye mu rupfu, nkajya mu Bugingo. Ubugingo bwanjye buri mu buruhukiro. Yoo! "Ni muze kuri Njye, mwebwe abarushye n'abaremerewe, kandi nzaba uburuhukiro bw'Ubugingo bwanyu." "I - ikimenyetso kizavugwa nabi," Umuhanuzi niko yabwiye Mariya. Kizaba Ikimenyetso, ni ukuri ni byo. Nyamara kizaba igihamya. Kizaba urukundo. Kizaba kunyurwa. Kizaba ikintu kizabamenyesha ko mwavuye mu rupfu, mukajya mu Bugingo.

91 Mwenedata, mushiki wanjye, na mwene so, nk'umukozi wanyu muri Kristo, ni mundeke mbahamirize, n'umutima wanjye wose. Ntimureke ibi bibanyura hejuru cyangwa kuruhande cyangwa munsi. Ni mubyakire mu mutima wanyu, kandi uzaba umuntu w'umunezero ku isi. Simbasezeranije ko mugiye kubona miliyo y'amadorari. Oya mugenzi wanjye. Mwenedata Leo, ndabona ko hari hariho ayo masezerano menshi aho, "Za miliyoni z'amadorari," ibintu byavuzwe n'abantu banturanye. "Iyo uhindutse Umukristo, ubona miliyoni y'amadorari kandi uba umuntu w'umukire." Ntacyo mbasezeranije na kimwe. Ndabasezeranya iki, ikintu kimwe mbasha kubasezeranya ni : Agakiza Ke. Ubuntu Bwe burahagije kuri buri kigeragezo.

92 Abari bahari kuri Pantekote, ntibifuzaga ndetse n'ibyo bari batunze. None, kuvuga abatunze za

miliyoni? Ntibifuzaga ibyo bari batunze, mushiki wanjye Angie. Nifuzaga kubumva muririmba, wowe na Gertie, umwe muri iyo minsi (ese, ari he?) Icyumweru cyo gutaha imuhira, umwe muri iyo minsi. Benshi muri bobamaze kwambuka rugabano kera. Yoo! Mbega! Ntibasabye ibintu bikomeye. Ntibasabye amafaranga cyangwa ifeza. Dukomeze tugende, Petero yaravuze, ati "Simfite ifeza haba n'izahabu, ariko icyo mfite ndakiguha." Kandi icyo mvuga kuri uyu mugoroba, nshuti zanjye. Umunezero, rukundo, Ubwishingizi butera gushira amanga bwa Kristo n'ubw'umuzuko We, icyo mfite dakiguha, kuri mwebwe Abana b'Imana. None, ni muze kandi mugume ku musaraba, niba Imana Yarabahamagaye, kandi ntimwikure aho.

Igihe muzagaruka ejo kumugoroba, muze, byaba kwinjira aha no kuhaguma kugeza ku iherezo; cyangwa mukomeze kujya mbere, nuko tuzasenga kandi tubarambikeho ibiganza. Mugende … Ni itegeko rya Bibiliya kubarambikaho ibiganza kugira ngo muhabwe Umwuka wera. Kandi na none, tujyiye, mu giye gutaha iwanyu … Niba musigara aho, niba muhaguma ijoro ryose, mwahaguma kugeza ejo, mwahaguma kugeza ejo bundi, mwahaguma kumara igihe cyose cy'iminsi mikuru, mwahaguma kugeza kuwa mbere w'umwaka, kandi mwahaguma na none, muhagume kugeza ubwo

Aho, ibyo tuzigisha byose ejo nimugoroba, tubereka muri Bibiliya ibigomba kuzaza, bizaza. Kandi igihe ibyo bizaba bije, icyo gihe nta badayimoni benshi bazaba bakiri ikuzimu. Muzi ko mwavuye mu rupfu, mukajya mu Bugingo. Muri icyaremwe gishya muri yesu Kristo. Inzogera z'umunezero w'Ijuru zizarangurura.

93 Mwenedata Othal, ndabikubwiye, bibaha umuriro w'ububyutse muby'ukuri. Dore umuntu w'intwari wicaye aha, mwenedata w'intwari, wahoze ari igihazi cy'igisambo, yagendanaga imbunda ntoya ku mukandara, ahiga umuntu waba ari inyuma hatagaragara, uwo yamena umutwe. Nuko ni iki cyabaye ? Umunsi umwe, yararebye nuko arizera kugira ngo yakire Ubugingo. Kandi yakomeje urugendo. Yakurikiranaga amateraniro yanjye. Kandi umutindi ntiyagiraga ndetse n'icyo arya, yarigaramiraga kugira ngo arare mu bihuru iruhande rw'ihema, yabaga afite inzara n'inyota. Nuko umunsi umwe, Umwuka wera yaraje. Yoo ! Mwenedata, waraguhinduye, siko biri ? Ibyo byazanye Ubugingo, nuko ibyo bikuraho urupfu. Urwango rwarahunze, nuko urukundo rurinjira. Ooh ! Ra,ra ! Kwangana n'umwuka w'amahane byagiye burundu ; Ubugingo bushya bwarinjiye. Ni mubitegereze n'abandi, kandi na none n'abandi kandi n'abandi, kandi na none n'abandi, kandi ahantu hose aho. Yoo ! Inzogera z'umunezero w'Ijuru zirarangurura ! Nshuti zanjye, ntihariho uburyo na bumwe kuri njye bwo kubisobanura.

94 Ni mwumve, mbere y'uko njya ku kindi kintu, niba mwizeye ubuhamya bwanjye, nk'umugaragu wa Kristo, kandi nagerageje kubereka nkoresheje Bibiliya y'Imana ko ari Ukuri. Kandi niba amagambo yanjye kuri ibyo asa naho adasobanutse, ni mwitegereze iriya foto iri mu isi y'ubuhanga. Mugenzure imbuto z'iriya Nkingi y'Umuriro yayoboye abana b'Isirayeli. Nimugenzure imbuto yera. Nimurebe icyo Ikora, icyo Ivuga.

Ntabwo ari njyewe uvuga ; ni We uvugira muri mwe, murabona. Ntabwo ari njye ubona iyerekwa ; ni We uvuga unyuze muri mwe. Ntabwo ari njyewe ukiza abarwayi ; ni Uri muri njye ukiza abarwayi.

Ntabwo ari njyewe ubwiriza ; ndi inkoko yanyagiwe, kandi nahunga ubusa usibye igitekerezo, nyamara ni We wavugaga anyuze muri njye. Sinzi Ijambo ; ariko We ararizi. Ni ibyo. Ni ibyo. Dore ibyo aribyo.

Kandi dore nguyu. Kandi uyu Marayika umwe w'Imana ari hano ndetse muri iyi nyubako kuri uyu mugoroba. [Mwenedata Branham akubita kenshi ku ruhimbi.-N.D.E] Yoo! Mbega uburyo mukunda!

95 None, ni bangahe bifuza kwakira Umwuka wera? Dusuzume ubuzima bwacu. Nibangahe bataramwakira, kandi bifuza kubikora? Muzamure ikiganza, nimuvuge, muti "Mwenedata Branham, bivuye mu ndiba y'umutima wanjye, ndifuza kwakira Umwuka wera." Imana ibahe umugisha, aho muri hose.

Ni bangahe muri mwe bamwakiriye, bakababifuza kugenda nk'uko babikoze mu Byakozwe n'intumwa 4, kandi bakavuga, bati "Yoo! Mwami , yoo! Mwami, rambura ikiganza cyawe kugirango uburwayi bukire, werekane ibimenyetso n'imirimo ikomeye mu Izina ry'Umwana wa We wera Yesu Kristo, kandi umpe ubushizi bw'amanga bwuzuye n'urukundo, kugirango mvuge, n'ukuzuzwa gushya." Nibyo, dore icyanjye nacyo. Yoo! Mana, mumpe. Twunamishe umutwe, dufite ukuzirikana gukomeye, buri muntu akomeje icyifuzo cye mu mutima.

96 Mwami Yesu, dushoje iri teraniro rito kuri uyu mugoroba, tumaze kugirana ubusabane, duteraniye ku Ijambo n'Umwuka wera. Nk'uko Yaduhaye umugisha, kandi agasuka amavuta y'Ijambo rye mu mitima yacu. Hari Ababwirizabutumwa, hano hari abantu babagaho mu buzima bunyuranye, basogongeye kandi bakabona ko Umwami ari mwiza. Muri aka kanya, tuzi Umwuka wera icyo ari cyo, Isezerano ry'Imana. Ni Ubugingo buhoraho ku bizera bose.

Kandi tuzi ko Umwuka wera yari Umwuka wa Yesu Kristo, woherejwe bundi bushya, kandi ari muri twe uyu munsi. Nk'uko Imana yahoze hejuru yacu, muri ya Nkinjyi y'Umuriro; hanyuma yajyendanye na twe,

mu u- Umubiri witwaga Emanuweli (“Imana hamwe na twe”) ; none ubu ari muri twe, kubw'Umwuka wera, Imana muri twe. Yoo!

Yesu yaravuze, ati “Uwo munsi muzamenya ko ndi muri Data, kandi ko muri muri Njye, kandi ko ndi muri mwe. Muzabisobanukirwa uwo munsi. Kubw'ibyo, ubu muri mu isi y'Umwijima nk'uko Yavuze, ariko uwo munsi muzasobanukirwa.”

97 Data, ntitwabasha kubigaragaza neza kandi kuburyo bwuzuye, kubona ko icyo gihe ntituzaba dufite ikintu namba cyo kwizerwa. Nyamara, imirimo yose y'Imana iyobowe no kwizera. Kandi kubwo kwizera Ijambo ryawe, mu kimenyetso cy'Umwuka wera uwo tuzi ubu icypo ari cyo, ndasaba ko buri Bugingo bwose bushonje hano bwuzuzwa Umwuka wera. Abatamufite kandi bafite inzara yo kumwakira, nimwibuke gusa … Turifuza kubabwira, Mwami, ikintu kimwe nk'icyo Wavuze, uti “Muzahirwa, igihe muzagira inzara n'inyota. Muzahazwa.” Ni Isezerano, kandi ndetse ni umugisha kugira inzara. Muba muhawe umugisha gusa kubwo kumenya ko yavuganye namwe, kuko Yravuze, iti “Ntawubasha kuza kuri Njye, ntiba Data atamureheje mbere na mbere.”

Kandi, Mwami, abakuze bari ku rugerero hano, bazamura ikiganza. Nari mfite icyanjye kizamuye. Yoo! Mwami, duhe imbaraga yo kurambura ikiganza cy'Umwana wa We wera Yesu Kristo; kugirango ibimenyetso n'imirimo ikomeye bikorwe, kugirango habe ubukozi bwimbitse kurushaho, ikintu na none gikomeye kurusha icyabaye kugeza ubu. Duhe umwete n'urukundo, kugirango tubwire abantu. Biduhe, Mwami. Bana na twe muri byose, tubisabye mu Izina rya Yesu.

98 Kandi ejo kumugoroba, Mwami, hazaza nka wa muyaga uhuha cyane, umanuke muri iyi nyubako, bizabe nk'uko byabaye undi munsi wa Pantekote. Urufatiro rwashyizweho. Byose biriteguwe. Imfizi zarakinjwe, ibimasa bibyibushye byarakinjwe, imfizi z'intama zaracinjwe; ameza arateguye, abatumiwe barakwiriye, yoo! Mwami, ohereza Yubile ya Pantekote, ejo kumugoroba, muri iyi nyubako, kandi wuzuze buri Bugingo umubatizo w'Umwuka wera. Biduhe, Data. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina!

… tuzamenya ibintu byinshi,

Tuzaba dufite intanga ya zahabu,

birashoboka y'imirya igihumbi;

Tuzaririmba kandi tuzashyira ejuru amajwi

nuko tuzabyina, Umwana w'intama azakamya

amarira yacu,

Tuzagira icyu … icyumweru gitangaje

cyo kugaruka imuhira, imyaka igihumbi y'ibanze. Amina!

Amaraso y'agaciro kinini y'Umwana w'Imana

bwite yatunganyije kandi yeza

Ubwoko buhebuje kubw'Izina Rye, kandi

biswe Umugeni

Nubwo aha batitaweho batitaweho kandi basuzugurwa;

umunsi umwe Umwami azazana

Izo ntore ngo binjire mu irembo, kandi

birasaba imbaraga zose

Igihe tuzaba turi mu rugo imbere y'amarembo

Y'imaragarita, tuzamenya …

www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7